

Zacharie NSABIHORAHO



URUGO Ruhumura

IKARITA IYOBORA UMUSORE N'UMUKOBWA
BITEGURA KURUSHINGA.

“Uwiteka azatuma Marayika we akujye imbere, azaha urugendo rwawe ihirwe.” Itangiriro 24:7, 40.

Copyright©2019

*Birabujijwe kwigana cyangwa gukoporora iki
gitabo utabifitiye uruhushya.*

Aderesi z'Umwanditsi:

Pastor NSABIHORAHO Zacharie

*Tel: +250 788 869 185 (WlApp),
+250 728 869185*

E-mail:

nsabihoza@gmail.com

nsabihoza@yahoo.fr

AMASHAKIRO

| | |
|--|-----------|
| IRIBULIRO | 5 |
| I. KURAMBAGIZA UWO MUZUBAKANA URUGO | 8 |
| I.1. UKO UMUNTU ARAMBAGIZA UWO BAZUBAKANA..... | 18 |
| I.2. BIMWE MU BY' ABANTU BASHINGIRAHO BARAMBAGIZA | 19 |
| <i>A. IBINTU</i> | <i>24</i> |
| <i>B. AMAFARANGA.....</i> | <i>25</i> |
| I.3. ZI MWE MU MPAMVU ZITERA ABANTU GUSHYINGIRWA | 28 |
| I.4. IGIHE CYO KURAMBAGIZANYA | 31 |
| I.5. INKINGI Y'IFATIZO MU KURAMBAGIZA..... | 33 |
| II. KURAMBAGIZA UMANUKA CYANGWA KURAMBAGIZA UZAMUKA..... | 37 |
| II.1. SAMUSONI, UMUBURO KU BARAMBAGIZA "BAMANUKA" | 38 |
| II.1.1. SAMUSONI YATEYE INTAMBWE ESHESHATU AMANUKA..... | 39 |
| II.1.2. AMAHEREZO YA SAMUSONI. | 41 |
| II.2. ISAKA: ICYITEGEREREZO MU KURAMBAGIZA "BAZAMUKA" | 45 |
| II.2.1. KUBAHA NO KUMVIRA ABABYEYI..... | 46 |
| II.2.2. UKO ISAKA YARAMBAGIJE | 53 |
| III. TACT NA CONTACT BAKUNZE UMUKOBWA..... | 58 |
| III.1. UKO TACT YARAMBAGIJE | 58 |
| III.2. UBUTAMENYA BWA TACT | 61 |
| III.3. TACT UYU MUNSI | 62 |
| III.4. UKO CONTACT WE YARAMBAGIJE | 64 |
| III.5. ICYO CONTACT YARUSHIJE TACT | 68 |
| IV. UBUTUMWA KU BITEGURA KURUSHINGA | 70 |
| IV.1. UBUTUMWA KU MUSORE..... | 70 |
| IV.1.1. KUMENYA ICYO URUGO ARI CYO | 71 |
| IV.1.2. INAMA Y'IZAHABU KU BARAMBAGIZANYA | 73 |
| IV.1.3. ICYO KUBA UMUGABO BIVUZE | 75 |

| | |
|--|------------|
| IV.3. UBUTUMWA KU MUKOBWA | 76 |
| IV.3.1.INKOMOKO Y'IZINA "UMUKOBWA" | 78 |
| IV.3.2.KUMENYA KWICA AMATWI | 79 |
| IV.3.3.GUSHYINGIRWA SI AMARUSHANWA | 83 |
| V. IMYAMBARIRE N'IMIDERI IGEZWEHO | 86 |
| V.1. INKOMOKO Y'IMYAMBARO | 87 |
| V.2. AKAMARO K'IMYAMBARO | 89 |
| V.3. IMYAMBARO ITANGA UBUTUMWA | 90 |
| V.4. IMBARAGA Z'IMIDERI | 92 |
| VI. IGIHE UWO WAKUNZE AGUTENGUSHYE | 96 |
| VI.1. DIYOJENE YARATENGUSHYWE | 98 |
| VI.2. YULI KAYIZARI YARATENGUSHYWE | 99 |
| VI.3. UKO WAKWITWARA UWO WAKUNZE AGUTENGUSHYE | 101 |
| VI.3.1.FATA UMWANYA UTEKEREZE KU BIKUBAYEHO..... | 102 |
| VI.3.2. GERAGEZA UKO USHOBOYE UMWIYIBAGIZE VUBA..... | 103 |
| VI.3.3. SHIMIRA IMANA IBATANDUKANYIJE..... | 105 |
| VI.3.4 IRINDE GUHITA UJYA MU RUKUNDO..... | 105 |
| VI.3.5.URUKUNDO WARI WARAMUKUNZE RWIGARUREHO..... | 106 |
| UMWANZURO | 109 |
| IBITABO BYIFASHISHIJE | 111 |

IRIBULIRO

Umuntu ashobora kutaba mugufi ntabe na muremure akaba aringaniye; ashobora kutaba inzobe ntabe n'igikara akaba ari imibiri yombi; ashobora kutaba umuzungu ntabe n'umwirabura; akaba umwarabu cyangwa imvange; ashobora kutaba umukire ntabe n'umukene akaba aciriritse mu mutungo. Ariko mu bubatse ingo ntibishoboka ko wagira urugo rutari rwiza ntirube narubi.

Umuyobozi w'ikinyabiziga azi neza ko igihe cyose agitwaye azahura n'amakorosi abiri gusa n'iyo yazenguruka isi; nta rya gatatu azahura na ryo: *Azakata yerekera iburyo cyangwa akate ibumoso.*

No mu miryango naho ni uko. Ingo ni ebyiri gusa nta rwa gatatu rubaho: Habaho **urugo ruhumura** ndetse impumuro yarwo igakwira mu baturanyi, ikanakomereza kure yarwo; Hakabaho **n'urugo runuka** kandi umunuko warwo ukagera mu baturanyi barwo, ukanakomereza kure yarwo. Waba se uzi impamvu urugo rwa hagati na hagati rudashobora kubaho? Ni uko mu

ntambara iri hagati y'icyiza n'ikibi uwo mwanya utabaho na wo: Uhitamo icyiza gihagarariwe na Yesu Kristo cyangwa ikibi gihagarariwe na Satani ubwo kandi ukaba winjiye mu ntambara. ***Gutegeka kwa kabiri 30:15-19.***

Guhumura kw'urugo, ntibiterwa n'amavuta cyangwa ibiti byiza bihateye, ahubwo biterwa n'imibanire myiza iri hagati y'umugabo n'umugore n'abana babo. Guhumura cyangwa kunuka kw'urugo ntabwo ari igeno cyangwa umurage w'ababihabwa ahubwo biraharanirwa. Nta gisekuru cy'ingo mbi kibaho cyangwa nziza.

Ushaka urugo ruhumura agomba kugira ingamba agenderaho za buri muni mbese nka kwa kundi uwogosha ubwanwa abigenza: Ahorana urwembe (rasoir) kandi buri gitondo akirebera mu ndorerwamo kugira ngo amenye ko butarengeranye.

Muri uku kwezi urugo rwanyu rushobora kuba Ruhumura ndetse ubuhamya bwiza bw'imibanire yanyu bukamamara mu baturanyi nk'icyitegererezo abubatse bakwiye gukurikiza;

Ariko mu mezi atatu akurikiyeho urugo rwanyu rukanukishwa n'imibanire mibi irubonetsemo. Ba batangabuhamya b'abaturanyi bakongera kumva ibiri kubera iwanyu, bakumirwa! N'ubwo bishobora kugutera kwibaza ikiba cyateye uko guhinduka gutunguranye, ntabwo bitangaje na gato: Dutuye mu isi icumbikiye imyuka mibi y'abadayimoni hamwe Satani ubayobora mu kuryanisha imiryango. **Ibyahishuwe 12:12.**

Ng'uyu nyirabayazana uhora ushaka gusekuranya imitwe y'abashakanye. Ibi rero bituma *"Kubaka urugo bimera nko kugenda hejuru y'amagi"* kuko iyo utayamennye, yo arakunyereza ukaba wakwikubita hasi ubanje umutwe w'inyuma; iyo niyo mpanuka mbi yagutwara ubuzima. Dusabe Uwiteka ubwenge, aduhe ubwenge n'ubuhanga bwo kubaka ingo zihumura zimeze nk'utujuru duto duteretse kuri iyi si.

umwanditsi

I. KURAMBAGIZA UWO MUZUBAKANA URUGO

Kurambagiza uwo muzubakana urugo ni wo mushinga ukomeye cyane kurenza indi yose itegurwa kuri iyi si. Aho uyu mushinga utandukanira n'indi ni uko ugira impinduka k'ubuzima bw'uwaruteguye kandi bikamugiraho ingaruka mbi cyangwa nziza ubuzima bwe bwose.

Kwiyemeza gufatanywa n'undi muntu, ukabirahirira imbere y'ababyeyi, imbere Leta, n'imbere y'Imana ugahamya ko umwihaye ubuzima bwose ni wo mwanzuro uhanitse kurusha indi yose ifatwa kuri iyi si. Umuhanuzikazi Ellen G.White yaranditse ati: *"Gushyingirwa ni umwanzuro ukomeye kurusha iyindi yose dufata mu buzima kuko ukora ku buzima bubiri. Ibyo bituma bigira ingaruka k'ubuzima bwo muri iyi si, n'ubwo mw'isi izaza". Ellen G. White, Foyer Chrétien-Urugo rwa Gikristo, P. 43-45.*

Ibi rero bituma ubukwe buhinduka icyemezo cyo gupfa cyangwa gukira by'iteka bitewe n'uwo mushyingiranwe. Musore na we mukobwa dukunda, niba wubaha Imana ariko ukiyemeza gufatanya ubuzima bwawe bw'iteka ryose n'utayubaha, uzamenye ibyo wikoreye: Muba mugiyeye kubana mukorera ba shobuja babiri bahabanye, bazirana, badateze no kwiyunga! (*vous servez les deux maîtres opposés, ennemis et inconciliables*)

Ngaho nawe ndebera isura y'urwo rugo. Ni urugo rw' umunuko n'agahinda gusa. Niba umwe akunda gusenga no guhimbaza Imana kuko ari byo yakuriyemo kuva mu buto bwe, undi we iyo gahunda izamubangamira ageze aho abyita urusaku.

Ni ikintu kibabaje kubona umwe mu bashakanye abwira mugenzi we ngo “*Kanaka/Nyirakanaka... nkwiyamye guhora unsakuzaho ng'urasenga unaririmba ...; nkeneye kwiruhukira niba warasaze ujye ujya muri salo undeke nisinzirire. Sinari nzi ko burya mu bantu bize habamo indindagire nkawe*”.

Ngaho tekereza, mbese umugore akubwiye amagambo nk'ariya uri umutware we wakora iki? Guca ururimi rwawe ukarumira n'iyoyi mu nda ntijorore ntijorore ni cyo gisubizo cyiza mu mwanya ukomeye nk'uwo.

Umunyarwanda w'inararibonye yahaye umuburo abagabo b'iteka ryose ati: “ *iyoyi urugo rugututse ukarusubiza urarusenya*”. Nimuhurira muri salo (Icyumba cy' uruganiriro), ukifuza ko musorna Ijambo ry' Imana kugira ngo mugaburire ubugingo bwanyu, we azaba yifuza ko mureba agafirime k'imirwano, ak'ubusambanyi cyangwa umupira w'amaguru kuko na we ari byo bimugwa neza kuva mu buto bwe! Ng'iki icyo bita "Divergence" ari byo kudahuza mu mashyi no mu mudiho.

Umusore cyangwa umukobwa utagirira ubwoba umwanzuro nk'uyu w'ubukwe, agafata amasezerano akomeye nk'ubukwe akayakora adatekereje neza nk' uko ajya ku isoko kugura imboga, ibitungwu n'amashu; uyu muntu ntawe atababaza kuko atagira uburere.

Byahamijwe n'umwanditsi witwa Angelo Patri ubwo yagiraga ati: *"Uburere nyabwo ni ukugira ubwoba igihe ari ngombwa "*. *Martin Luther King, Gukunda Bitera Imbaraga, P.179.*

Ntabwo kugira ubwoba iteka ryose ari ikimenyetso cy'ubugwari, kuko hari n'aho ubwoba busobanura amakenga, gushishoza no kureba Kure.

Gacamigani w'umunyarwanda ati: *"Inyamaswa idakenga yishwe n'umututizi "*. Mbese koko, uretse ubujiji bukabije bw'iyi nyamaswa, umuntu wagiye kwitutirira ibiti utari umuhigi, yagombye kuyica ikanuye iri kumureba?

Mbere yo guhitarno uwo muzabana, wagombye Kuba waramwizeho neza uzi imico ye kandi wariyemeje kuzihanganira ibidafututse kuri we. Umunm ashobora guha uwo akunda impano ihenze kugira nga amugaragarize ko amukunda kandi amwubaha. Ariko uwo muzashakana we, impano ikomeye uzamuha ni wowe ubwawe.

Iyo abantu bashyingiranywe, baba biyemeje kuvanga no gusangira ubuzima bwose burimo

inyungu n'ibihombo, umunezero n'agahinda, tutibagiwe n'amaraso ya bombi.

Kugira ngo umuntu utekereza afate umwanzuro nk'uyu atazi neza uwo yihaye, atanafite ibihamya ko ayobowe n'Imana, aba yigerejeho kuko gushyingirwa bifite ingaruka z'urupfu cyangwa ubugingo by' iteka.

Kugira ngo umuntu akore indahiro ihamya ko "Imana y'uwo yihaye igiye kuba Imana ye; ko aho azajya ariho na we azajya, ko ubwoko bwe ari bwo buzaba ubwoko bwe; ko aho azarara ari ho azarara; kandi ko aho azagwa ari ho na we azagwa (*Rusi 1:16-17*), ni igihango kiruta ibindi byose umusore n'inkumi bagirana.

Ibi bituma uhangaye kwica amasezerano yo gushyingirwa aba yikozeho. Dore icyo Uwiteka abivugaho: *"Yasuzuguye indahiro, yica n'isezerano; ndetse yari yamanitse ukuboko kwe arahira, ariko arengaho arabikora byose; ntabwo azarokoka... ni ukuri indahiro yanjye yasuzuguye, n'isezerano ryanjye yishe, nzabigereka ku mutwe we". Ezekieli 17:18-19.*

Muvandimwe nkunda, ntuzafate umwanzuro nk'uriya udafite ibihamya ko uyobowe n'ijuru kuko muba mugiyeye kuba icyitwa "**Endless hope**" ari wo munezero n'ibyiringiro bitazagira iherezo cyangwa mu cyitwa "**Hopeless end**" ari bwo bwihebe n'amajune bitazarangira. *Kenneth W. Osbeck, 101 More Hymn Stories, 1985, P.277.*

Ni yo mpamvu umuntu wese ushyira mu gaciro yakwemeranya n'uwavuze ngo *Mieux vaut changer la fiançaille dix fois plutôt que changer le foyer.* Mu rurimi rw'ikinyarwanda biravuga ngo “*Wahitamo guhindura abafiyanse inshuro cumi kuruta ko wasenva urugo washinze.*”

Burya ni na yo mpamvu mu nsengeru no muri za Kiliziya uwerejwe guhamya ko abashakanye babaye umwe yongera kubariza mu ruhame umukwe n'umugeni niba hari impamvu yatuma umwe muri bo ahindura umwanzuro yari yarafashe, kugira ngo uwo muntu atazagerwaho n'urubanza rwo kubana n'uwo adakunda. Icyakora abenshi bahamya ko bamaramaje.

Abibwiwe n'Uwiteka, intumwa y'Imana Ellen G. White yandikiye abasore n'inkumi b'ibihe byose ati: *"Iyi ntambwe ugiye gutera ni imwe yo mu zikomeye mu bugingo bwawe kandi ntukwiriye kuyiterana ubwira.*

Naho wakunda ntugakunde utabanje gutekereza. Genzura icyo ureba cyose, witegereze ingeso z'uwo ugiye gufatanywa, ugahambirwa kuri we by'iteka ryose...: Suzuma witonze urebe yuko numara gushyingirwa uzagira umunezero cyangwa uzamererwa nabi ukaba umutindi.

Ibaze uti: Mbese uku gufatanywa na we kuzamfasha ngere mu ijuru? None se kuzatuma impano zanjye, ubumenyi bwanjye, n'ubushobozi byanjye, bijya mbere ku buryo nzaba umugisha w'igihugu cyanjye nkakigirira akamaro?" Ellen G. White, Inama Zigirwa Itorero, Vol.2, PP. 8-9.

Koko rero, iyo urambagije neza, wubaka neza, Ariko warambagiza nabi ukubaka nabi. Nshuti nkunda, Urugo rw'amahoro ,ruhumura, rumeze

nko kwibera mu ijuru rito ryo ku isi, ntabwo ari
inzizi umuntu arota _ ngo bucyeye _ azikabya
cyangwa se rutwikubiteho nk'uko imegeri
n'ibihumyo biboneka. Reka da! Ahubwo ni urugendo
rufata igihe cy'amezi n'myaka kandi bigaharanirwa
mu buryo buhoraho nk'uko umuntu yogosha ubwanwa.

Umuntu ashobora kwifuza gukosora ikosa
yakoze mu irambagiza ntibimukundire maze
bikarangira aririmbye urwo mbonye cyangwa iyo
mbimenya. Inama rudasumbwa ku ngingo yo
kurambagiza uwo muzarwubakana nk' Umwuka
w'ubuhanuzi wabihishuye n'iyi ngo:

*"Niba wasengaga kabiri ku munsu utaratekereza ibyo
gushaka, noneho usabwa gusenga kane ku munsu igihe
winjiye mu mushinga wo kurambagiza uwo
muzashyingiranywa. Umukristo ukangutse mu
bitekerezo ntazahangara gutera intambwe nk'iyi
adafite ibihumyo ko Imana yamwemereye kujya mbere".*
*Ellen G. White, Messages à la Jeunesse /
Ubutumwa ku Basore, P.456.*

Impamvu ugomba kwongera amasengesho cyane ni uko Satani azivanga muri uyu mushinga kugira ngo akurindagize, aguhuze n'ujya kumera nk'uw'Imana yakugeneye nyamara atari we!

Biroroshye kwibeshya k'umuntu, ukamwimariramo, ugatangira kumwerekana mu miryango ari na ko utanga ubuhamya ko Imana yagusubije, ugatangira kujya umuha impano no gukemura tumwe mu tubazo twe nk'urubavu rwawe, ariko kera kabaye ukabona ibimenyetso simusiga ko wawundi atari we wawe.

Iyo ukomeje kubana n'Imana no kuyigisha inama, ukagenzura buri kamwe kose ubonye cyangwa wumvise ku mukunzi wawe, "*Uhoraho azakubera ibyiringiro, kandi azarinda ikirenge cyawe gufatwa n'umutego w'umushibuka Satani agutegera muri mugenzi wawe*". **Imigani 3:26.**

Murumuna wanjye nawe mushiki wanjye, dore icyo nasomye ku ngingo yo kurambagiza: Nasomye ko ijuru rizihanganira intege nke zawe ari zo nenge z itandukanye usanganywe mu miterere yawe (defaults de caractère), ariko ngo

ku kijyanye no gushyingirwa utegekwa na ryo kwitonda cyane, no kudahubuka *"kuko uwo ari umwanzuro ushobora guhitana ahazaza hawe h'iteka ryose "*

Abatwara ibinyabiziga bafite ihame rivuga ngo: *"Sorry does not make a dead man (or woman) alive". Do not say sorry because your first mistake can be the last"*

Ntukavuge ngo nari nibeshye cyangwa nahubutse kuko ijambo *"Nimumbabarire "* ridashobora kugarura ubuzima bw'umuntu upfuye azize uburangare bwawe.

Kwibeshya gutuma ubuzima bw'umuntu buzimira ntikuja kwemerwa. Itonde rero ikosa ryawe rya mbere ritazaba n'irya nyuma ukajyana na ryo. N'ubwo impanuka itagira konji ntuzakore impanuka yo gushaka nabi, urugo runuka.

I.1. UKO UMUNTU ARAMBAGIZA UWO BAZUBAKANA

Nk' uko abubatse ingo benshi babiguhaho ubuhamya, umuntu ubwe ni we wishyiriraho indangagaciro cyangwa ibyangornbwa uwo bakwiye kubana agomba kuba yujuje. Mu rurimi rw' igifaransa babyita "*Conditions réquises*".

Ntabwo azishyiraho azisomye mu bitabo runaka ahubwo zituruka muri we hakurikijwe imiterere ye. Mu yandi magambo, "*kuko ari we wiyizi kuruta uko abanda bamuzi, ni we wimenyera umubereye, umwizihye, mbese wuzuzza neza icyuho kiri muri we, bityo akabana n'umeze nk'indorerwamo yireberamo*".

Burya umugabo ntakunda umugore kuruta uko yikunda ahubwo ni we wikundira mu mugore we n'umugore akikundira mu mugabo we (Abefeso 28-29). Ngiryo ibanga ryo kurambagiza.

Hari abajyaga bacyekako umukobwa atajya arambagiza, kw' ahubwo ategereza ijambo ry'uwamukunze, ariko si byo. Umukobwa na we afite umude ndezo wo gushyiraho indangagaciro

zikwiye kuranga umusore uzamubera umugabo kandi agafata igihe gihagije cyo kuzipimisha abamusaba urukundo bose nk'uko umusore afite uwo mudendezo. *Gutegeka kwa kabiri 30:15-19.*

I.2. BIMWE MU BY' ABANTU BASHINGIRAHO BARAMBAGIZA

Iyo urambagiza avuze ati "Uwo tuzabana agomba kuba ateye gutya cyangwa kuriya; afite ubutunzi bungana gutya na gutya; yarize amashuri aya n'aya ntugire ngo ntaba ari kumusaba Nyiribiremwa. Uwiteka aba ateze amatwi maze ijuru rikagendera ku byifuzo by'umutima we.

Akenshi, wa wundi urambagiza arongera ati: Imana ingiriye neza ikampuzana n'uwujije biriya byangombwa uko ari bine cyangwa bitanu (biterwa n' ibyo wateguye) rwose nzayishima kandi nzahora nyisingiza kuko umukunzi umeze atyo ari we numva umbereye, nanjye nzamukunda kandi mwubahe.

None se ugira ngo hari ukundi gutoranya kurenze uko? Uzi icyo Imana izakora?

Hagendewe ku byifuzo byawe izakuyobora maze iguhuze n'umeze nk'uko ushaka muri benshi bafite za ndangagaciro wishyiriyeho kand ikwereke n'ibihamya ko ari uwo. Mu mudendezo wawe uzamugenzurisha bya byangombwa wateganyije, hanyuma umwemere cyangwa umwange bitewe n'ibyo urarikiye ubukwe

Urugero: Reka tuvuge ko umukobwa akunze umusore kubera inzu iteye amabengeza afite hamwe n'ubundi butunzi nk'imodoka, iduka, n'ibindi...

Kugira ibyo byose ni byiza cyane ndetse n'igihugu gikeneye abatekereza bakanakora n'ibirenze ibyo. Ariko se uyu mukobwa yaba azi inkomoko y'iriya mitungo arangamiye? Niba se ari inguzanyo za Banki, ubwishyu nibubura ya mitungo igatezwa cyamunara azabyitwaramo ate? Wowe usoma ibi, n'ubwo ntabikwifuriza na gato, nyemerera nkwi butse ko hano munsu y'izuba ibyo bibaho “*Kuka ubutunzi butabura kwitera amababa bukaguruka nk'uko igisiga kirenga ,mu bushwi*”.

Muri Bibiliya Ijambo ry'Imana ho baranditse ngo *"Ubutunzi bumera nka Kagoma ifashe ikirere."* **Imigani 23: 5. (BII)**

Reka tuvuge ko umusore akunze umukobwa amukundiye ko afite amenyo meza y'urwererane, ikimero cyiza, n'uruhu rukeye kandi rubengerana. Ibyo ni byiza rwose ndetse najye mbere abandi batamumutwara.

Ariko se uyu musore yaba yarateganyije uko azabyitwaramo igihe ya menyo azaba amaze gukuka hasigaye ibihanga, naho rwa ruhu rw'umubiri we (skin) rwarizingazinze nk'igikoba kiguye mu ziko? Nshuti yanjye si ngombwa ko umukunzi wawe agira impanuka imukura amenyo ngw'inangize uburanga bwe.

Iminsi ubwayo izabyikorera. Nk'uko *"iteka inzovu mu rwabya, igapfura umugara w'intare kandi ikanyagirira inkende muni y'igiti yuriraga"* uwo mwashakanye na we bizamushyikira. icyo gihe ni kigera, bizagusaba kwongera kumurambagiza bushya no kumutoranya nka kera cyangwa utangire

kwicuza kuko ibyo wari warashingiyeho umukunda atakibifite.

Mbese umuntu wavuze ko byanze bikunze azashakana n'umu "Docteur", nihaza ufite amashuri atandatu yisumbuye, azamwemera? Ntashobora kumwenera na gato.

Kubera iki? Kubera ko kuri we indangagaciro rudasumbwa ari "Doctorat" ari yo mpamyabumenyi y'ikirenga, ibyo bizatuma atita ku ngeso n'imico biranga abandi bose bazamusaba umubano maze yifatanye n'uwo yararikiye. Nk'uko udodesha umwambaro abwira umudozi "Umuderi" (Model) azamudodera bijya kumera kimwe no ku Mana.

Icyo Imana irusha abatudodera ni uko Yo nk'ituzi kuruta wiyizi, Ikagukunda kuruta uko wikunda, iyo uyemereye Iguhitiramo ukwizihiye kandi muberanye nk'uko nawe wamwihitiramo ubaye ushoboye kumenyera iherezo rya byose mu itangiriro nka Yo. *Yesaya 46:10*

Mu yandi magambo Imana ntishobora kuguhitiramo uwo utakwihitiramo nawe. Burya umuntu arikunda cyane kandi akiyifuriza ibihebuje ibindi kuba byiza, niyo mpamvu na we yagombye gutoranya uwo bazabana atisondetse. Nyamara muri iki kinyejana kigoye turimo, bamwe basigaye bisondeka, bakanga kumvira umutima-nama wabo, bakiyemeza kubana n'umuntu udashobotse, ufite ingeso zikocamye bitewe n'ibyo atunze. Bene abo ntibaba bashyingiranwe n'umuntu ahubwo baba bashyingiranwe n'ibintu (materiels) Uko rero, *ni ukwigurisha mu isoko rya macye.*

Ubwo hazagira igikoma kuri rutenderi ari yo ya mitungo, amashuri, imiryango ikomeye, n'uburanga byatumye yigurisha mu isoko rya macye, muzumva ikizakurikiraho kuko wa muntu usa n'uwashyingiranywe na cya kintu atazihanganira kugumana na mugenzi we kandi icyo yashingiyeho amukunda kitagihari. Muvandimwe rero, reka nkubwire ko uruhare rw'Imana ari ukukuyobora, kukugira inama, no kuguhuza n'uwo mukwiranye, ahasigaye

ukemera izo nama cyangwa ukazanga ubukwe bugakomeza

A.IBINTU

Umwanditsi w'icyamamare witwa *Bertram L. Melbourne* yanditse amagambo akomeye akwiye gukangura umuntu wese kugira ngo ye kuzongera kugereranya ibitajya bigereranywa kuko nta huriro na rito bifitanye. Mu gitabo cye yagize ati:

“Twahamagariwe gukunda abantu maze tugakoresha ibintu. Nyamara, abantu benshi muri iki gihe, bakunda ibintu maze bagakoresha abantu! Uyu ni umutego wa Satani. Ni yo mpamvu duhamagarirwa kongera gutekereza ku byo duha agaciro n'umwanya tubishyiraho”.

"We are called upon to love people and use things. However, in our society today, too many people love things and use people. This is the Devil's trap. We must re-evaluate our priorities and resist the Devil's temptations. "Bertram L. Melbourne, The Busy People's Bible Study Plan,P.9.

Twahuje ibitajya bihuzwa tunagereranya ibitajya bigereranywa. Mbese muvandimwe, uyu munsu uri mu wuhe mugabane? Aho ntiwigurisha (ukishyira mu mwanya w'ibintu "Things and materials") cyangwa ukagurisha ikiremamuntu kugira ngo uronke bya bintu?

Umuntu ni "**Extra-commercial**" ntabwo ajya abarwa mu bicuruzwa ugura ukanagurisha kuko nta kiguzi cya hano ku isi umuntu agira. Niba ushaka kumenya igiciro cy'umuntu nyarukira I Kaluvali, usome muri *Yohana 12:32* maze uherutse igice cyitwa "Getsemani" kiboneka mu gitabo cyitwa 'UWIFUZWA IBIHE BYOSE, Ni bwo uzamenya agaciro k'umuntu (value not price). Uzasoma ko agaciro ke kangana neza *n'amaraso ya Yesu Kristo*.

B. AMAFARANGA

Umwanditsi w'umuhanga wo muri Norvege witwa Henry Ibsen yahishuye ibintu bikomeye ku mafaranga. Umuntu ubisomye ntabwo ahita ayanga nk'utazongera kuyakenera, ahubwo ayakura ku mwanya yayahaga mu mutwe we, akayashyira hasi ku mwanya wayo yagenewe

nk'ibikoresho byifashishwa mu buzima. *Henry Ibsen* yagize ati:

- Amafaranga agereranywa n'igishishwa cy'itunda ariko si yo tunda riribwa;
- Amafaranga ashobora kuguhesha ibyo kurya byiza kandi biryoshye ariko ntabasha kuguha ipfa (ariyo appetit) ryo kubirya.
- Amafaranga ashobora kuguha inzu nziza cyane ariko ntayiguhereho amahoro;
- Amafaranga ashobora kuguha igitanda cyiza cyane kizengurutse umuntu kugira ngo asinzire ariko ntajya ashobora kuguha ibitotsi;
- Amafaranga abasha kuguhesha imiti ikomeye kandi ihenze ariko ntiyatuma ugira umuze mucye, (ari yo magara mazima).
- Amafaranga abasha gutuma umenyekana mu bantu benshi, ariko ntabasha kuguha inshuti nyanshuti yayindi yitwa Magara;
- Amafaranga abasha kukuzanira abagaragu n'abaja, ariko ntabasha gutuma bagukorera bagukiranukiye

- Amafaranga abasha kukuzanira iminsi yo kunezerwa ariko ntabasha kuguha amahoro yo mu mutima n'umunezero wuzuye;
- Amafaranga abasha gutuma abantu bagutinya, ariko ntabasha gutuma bagukunda;
- Amafaranga abasha gutuma ugera ahantu hose ushaka ariko aho aho atazakugeza ni mw'ijuru;
- Amafaranga abasha gutuma wibonera umwanya [wiyubashye] mw'irimbi rihenze, ariko ntabasha kuguhesha umwanya mw'ijuru;
- Kubw'amafaranga, ushobora kunywa ikinyobwa cyose ushaka hano kw'isi ariko ntazatuma usogongera ku mazi y'ubugingo, amazi umuntu anywa ntazongere kugira inyota ukundi (Yohana 4:14).

Niba amafaranga ufite adakoreshejwe mu kugaburira abashonje; ntiyambike abambaye ubusa; akaba adakoreshejwe mu kuvuza abarwayi badafite ubushobozi bwo kwivuza; nta cyo aba akimaze kuko umumaro w' amafaranga ari ugutabara ikiremamuntu kiri mu bibazo.

Iyo amafaranga ari yo agukoresha ibihungabanya ubuzima bw'abantu icyo gihe

biba bimeze nk'ifarashi iri hejuru y'umuntu mu gihe ari umuntu wagombaga kuyigenda hejuru! (*Le Cavalier doit monter sur le cheval et non le cheval sur le cavalier*). Icyo gihe iramuturitsa byanze bikunze kuko atakwihanganira ibiro byayo.

Ntuzakunde amafaranga ng'uyarutishe umuntu kuko uzaba ukoze imibare itari yo. Reba igitabo cyitwa IBIGANZA BISENGA by'Umukristo uri ku mavi No2, ku cyigisho cyitwa *Ibanga ryo guhorana umunezero.*

N'ubwo amafaranga ashobora gutuma tugira ubuzima bwiza ariko ntabwo ari yo buzima. Ubuzima ni YESU.

I.3. ZIMWE MU MPAMVU ZITERA ABANTU GUSHYINGIRWA

Mu rurimi rwacu rw'ikinyarwanda hari imvugo ivuga ko "*uvuze ko nyir'urugo yapfuye atari we uba yamwishe*". Uyu mugani bawuca iyo hari umuntu uzanye inkuru itari bunezeze abo ayizaniye.

Ubusanzwe impamvu itera abantu gushyingirwa yagombye kuba ari ubucuti bwimbitse cyane hagati y'umusore n'inkumi ku buryo na bo bibonera ko umwe adashobora kubaho atari kumwe n'uwo akunda.

Ariko kubera icyaha, impamvu zitera abantu gushyingirwa zabaye uruhuri maze bizanira imiryango imibabaro itavugwa.

Muri macye dore zimwe mu mpamvu zisigaye zitera abantu gushyingirwa:

1. Guhunga mu rugo kuko umusore cyangwa inkumi aharambiwe kandi akaba adafite ahandi yajya;
2. Kwifuza gusa uwo gukorana imibonano mpuzabitsina atiriwe yandavurira mu busambanyi;
3. Gushaka kubyara abana kugira ngo na we abone abamukomokaho;
4. Guhunga ubukene bwabaye akarande mu muryango bityo uwo mushakanye akaba ikiraro cyo kwambukiraho ubutindi;

5. Gushyingirwa kuko abo mubana bahora bavuga ko ukuze bihagije bityo ukareba aho uhungira ibyo bisuti;

6. Gushyingirwa kuko uwo wakunze urw'umwimerere birangiye agutengushye akakwereka igihandure;

7. Gushyingirwa ku ngufu z'imiryango kuko mwakubaganye mugaterana inda bityo mugategekwa kubana cyangwa umwe muri mwe agataha mu gihome (gereza) ubuzima bwe bwose.

8. Gushyingirwa ubanje guhabwa akayabo k'amafaranga kugira ngo ujyane umukobwa cyangwa umuhungu ufite ingeso zikocamye ariko akaba atagomba guhera mu rugo; ibyo ni ugushyingirwa usa n'ugurishijwe-butungo ukibona uri ahantu utateganyije.

9. Hari n'ubwo uwagusuye akwidoderaho bikarangira mugumanye by'iteka;

10. Hari n'abashyingirwa barikundaniye rwose rwa rundi rudashira, ruba rumeze nk'umuriro waka buhoro buhoro bikarangira ubaye igishyito. Ikiranga bene aba bantu ni uko baba barabaye nk'agati gukubiranye. Baba baziranye bihagije,

ndetse hari n'abatangira gusa ukaba wagira ngo bafitanye isano ya bugufi. *Iyi ni yo ikwiye kuba impamvu nyamukuru yo gushyingirwa.*

1.4. IGIHE CYO KURAMBAGIZANYA

Ku kijyanye n'igihe cyo kurambagiza, ntabwo tugiye gutanga itegeko ridakuka kuko kizahora gitandukana n'icyabandi bitewe n'impamvu zitandukanye.

Urugero:

Nk'abantu baturanye kuva kera bakiri bato, bakigana mu mashuri abanza, cyangwa ayisumbuye, baramutse biyemeje kubana birumvikana ko igihe cyo kurambagizanya kizatandukana n'icyabantu bahuye ari bwo bwa mbere maze umwe akabenguka undi. Ku basanzwe baziranye icyo gihe ntikizaba kinini kuko bameze nk'abarerewe hamwe.

N'ubwo Bibiliya na yo itavuze igihe ntakuka kurambagizanya bimara, hari inama zitangwa n'Umwuka w'ubuhanuzi. *"Icyo gihe kizaterwa n' igihe abarambagizanya bamaze bamenyanye; igihe gishira batarongerera guhura; imyaka*

*y'ubukuru abarambagizanya bafite; ubushobozi(mu mutungo) bafite bwo kurushinga; n'ibindi...” Ibyo byose nibyo bitanga igihe gikwiriye cyo gushyingirwa. Kubw'ibyo rero, **amezi atandatu kugeza ku myaka ibiri**, ni igihe gihagije cyo kurambagiza. Iyo kibaye kigufi, abarambagizanya ntibabona igihe gihagije cyo kumenyana bityo bakagira ingorane nyinshi zo guhuzagurika no kutubahiririza amasezerano y'abashakanye. Iyo kibaye kirekire bararambirwana, ubundi ugasanga bagirana imibonano yahariwe abashakanye gusa”.*

Byakuwe mu gitabo cy'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi, icyiciro cy'ubugabura n'Imirimo y'Itorero muri Yunyoni y'u Rwanda, Ibibwirizwa Byagenewe Abapastoro N'abizera Babwiriza Ubutumwa P. 68-69.

Iki gihe gifasha abitegura kuzabana kurushaho kwigana, kumenyana mu mico n'imyitwarire n'uburyo umwe ashobora kuba ahinduka bitewe n'ibihe arimo. Igihe cy'irambagiza kizakwereka ipica y'uburyo mugenzi wawe yitwara igihe

arwaye, igihe ubukene buje ntakomeze kubona ibyo yabonaga, uko arakara kuko hari impamvu zizatuma murakaranya uko acogora ahuye n'amakuba, n'ibindi... Ibi byose rero mu mezi atanu cyangwa arindwi gusa umenyanye na we, hari igihe atahura n'ibi bihe tuvuze.

1.5. INKINGI Y'IFATIZO MU KURAMBAGIZA

Umwubatsi kabuhariwe iyo agiye kuzamura inzu y'igorofa, arabanza agatekereza ku gaciro iyo nyubako izaba ifite nimara kuzura n'uburemere izaba yikoreye hakurikijwe umubare w'amazu ayigeretseho .

Arongera kandi akibaza ingano y'igihombo yagira iyo nyubako iramutse iguye hasi. Ibyo byose bituma ashaka ibikoresho by'umusingi bikomeye cyane kandi byizewe neza kugira ngo ya nyubako izabe ishinze ku rufatiro (fondation) rukomeye.

Kurambagiza bigereranywa no gushaka umusingi kuko urugo rupfira cyangwa rugakirira mw' irambagiza. Bityo rero muvandimwe, reka

nkubwire ko inkingi y' ifatizo mu kurambagiza uwo muzarwubakana ari imico cyangwa ingeso z'uwo urambagiza. Imico y'umuntu cyangwa ingeso ze burya ni we muntu.

Ijambo imico cyangwa ingeso bivuga uko uwo muntu ateye indangagaciro zimuranga; uburere yahawe; imyitwarire n'imivugire ye; imyambarire ye, uko yitwara igihe atabonye icyo yari ategereje; uko yihangana igihe arakajwe cyangwa asagariwe. Ibi byose mu ndimi z'amahanga babyita "*Personality*" cyangwa "*Character*"

Niba ushaka kubana n'umuntu (utabanye n'ibintu), rambagiza imico ye kurenza ibyo atunze kuko ubutunzi bwa bamwe buvanze n'ibibembe barwaye. Nubwifuza rero, uzajyana n'ibyo bibembe kuko na byo biri mu byo batunze! Iyo utwaye kimwe utwara n'ikindi ntibijya bisigana. Soma ibyabaye kuri Gehazi ubwo yifuzaga ubutunzi bwa Namani w'Umunyasiriya. (2 Abami 5:19-27)

Impamvu ni uko utazi aho ubufite yabukuye cyangwa uburyo yabubonyemo (kuko hari n'ababubona banyuze mu nzira zabuzanyijwe); ntuzi amaherezo yabwo n'urumutegereje bitewe n'uburyo yabubonyemo, ntunazi uko muzabana igihe buzaba butagihari. Niba ushaka urugo rwiza, rw'amahoro kandi "ruhumura", rambagiza imico y'uwo muzabana kurenza ibyo atunze nibwo muzahirwa mwebwi.

Muvandimwe nkunda, mbese ujya umenya ko Data wa twese wo mu ijuru yakwandikiye ibaruwa ikubiyemo amabwiriza yo kukuyobora muri ubu buzima ndetse n'ayo kukubakira urugo? Mbese urwo rwandiko Imana yakwandikiye ujya urusoma? Iyo baruwa nkubwira nta yindi ni "Bibiliya". Dore uko abahanga mu bya Tewolojiya bagenekereje ubusobanuro bwa ziriya nyuguti eshanu z'icyongereza zigize ijambo "**BIBLE**" :

B : Basic

I : Instructions

B: Before

L: Leaving

E: Earth

Mu rurimi rw'icyongereza biravuga ngo "Basic Instructions Before Leaving Earth". Mu rurimi rw'igifaransa biravuga ngo "Les Instructions de base avant que nous quitions cette terre".

Mu rurimi rw'ikinyarwanda bisobanura "Amahame-remezo cyangwa Amabwiriza-shingiro tugomba gukurikiza mbere y'uko tuva kuri iyi si". Icyo twungutse muri ubu busobanuro ni uko Bibiliya ari ikarita iyobora abagenzi bajya Mw'ijuru. Imana ibigufashemo niba utahaga agaciro Bibiliya tangira ubu.

II. KURAMBAGIZA UMANUKA CYANGWA KURAMBAGIZA UZAMUKA

Bibiliya ntabwo imeze nk'igisheke kigira Umutwe w'inkenekene babanza kujugunya Hanyuma bakarya igice gisigaye. Buri jambo Ryose n'iyoyaba ari interuro ngufi cyane, rifubitsemo ibihanitse bihambaye dukwiye gusoma twicishije bugufi cyane kandi duhindishwa umushyitsi n'amabanga akomeye y'ubugingo arimo.

Reka dufate urugero rw'ijambo ryitwa '**Kumanuka**' muri Bibiliya. Mu rurimi rw'igifaransa, kumanuka bivuga "*Descendre, Chuter* cyangwa "*Dégringoler*".

Mu mvugo ya Bibiliya, uku kumanuka bisobanura "*Kuva mu mucyo ujya mu mwijima; kuva mu byiza ujya mu bibi* cyangwa *kuva mu mutekano wiroha mu kaga n'amakuba. Ubu busobanuro bwa nyuma rero ntiburi kure y'izi mvugo bita "Guhanantuka cyangwa "gukonkoboka".*

Ni muri ubwo buryo Bibiliya itubwira ko Ijambo ry'Imana ritubwira ko *"Uwamanutse"*, bwa mbere muri ubwo buryo ari umumalayika, wahoze ari Lusiferi hanyuma akitwa Satani.

Satani uyu, yarahanantuwe ajugunyanwa na kimwe cya gatatu cy' abamayika bahindutse abadayimoni ubwo biyemezaga guhanyanyaza ngo bahirike ingoma y'Imana. Mu Byahishuwe haravugaga ngo *"Naho wa si we nawe wa nyanja we mugushije ishyano kuko "Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito". Ibyahishuwe 12:7-12*

II.1. SAMUSONI, UMUBURO KU BARAMBAGIZA "BAMANUKA"

Mu gitabo cy'Abacamanza 14:1-3 Ijambo ry'Imana ritubwira inkuru ibabaje y'umusore witwa "Samusoni" n'imirambagirize ye. N'ubwo yashyingiwe, ntiyigeze yubaka kuko urugo rwe rw'ari "Umunuko" w'intonganya, imirwano, amarira afite ibyo agendereye, n'andi mabi nk'ayo. Uyu munyabyago yatandukanye n'umugore we wakwitwa uw'isezerano hanyuma

azana "Delila" wari usanzwe ari umugore w'indaya. (*Abacamanza 16:4-5*)

Muri Bibiliya yose ntushobora kubona igisekuru cyakomotse ku Mucamanza Samusoni kuko nta bana yigeze agira ahubwo abagore be bombi bamushyiraga ku nkeke y'ibibazo n'amarira menshi bakiri abageni kugeza bamunanguye.

II.1.1. SAMUSONI YATEYE INTAMBWE ESHESHATU AMANUKA

- ❖ Mu bacamanza 14:1 haravuga ngo: Nuko Samusoni "**Aramanuka**" ajya kurambagiza umugeni I Timuna mu bakobwa b'abafilisitiyakazi. Ubwo yabikoze Se Manowa na nyina baramwamaganye Bamubwira ko ayo ari amahano agiye gukora muri Isirayeli kuko abafirisitiya basenga ibigirwamana
- ❖ Ku murongo wa gatanu w'icyo gice (V.5) haratubwira ngo "Hanyuma y'ibyo Samusoni "**Amanukana** na Se na Nyina" baja I Timuna. Nta kindi cyari kibajyanye kandikitari ugusaba irembo.

- ❖ Ku murongo wa karindwi wacyo (V.7), Haratubwira ngo “ Nuko Samusoni “**Arimanukira**” aganira n’uwo mukobwa Aramushima cyane.
- ❖ Ku murongo wa cumi (V.10), ijambo ry’Imana riratubwira ngo: “ Hanyuma Ise **aramanuka** asanga uwo mukobwa...”
- ❖ Mu gitabo cy’abacamanza 16:4, haratubwira ngo "Hanyuma y'ibyoyi,"Samusoni abenguka umugore **wo mu gikombe**" cya Soreka witwaga Delila". Muvandimwe usoma iyi nkuru, burya "*Ntushobora kujya mu gikombe utamanutse*" keretse usanzwe ugituyemo nawe. Abantu bose bajya mu gikombe cyangwa mu kibaya baramunuka. Aha rero yaramanutse nabwo.
- ❖ Ku murongo wa 21 w'icyo gice (16:21) Hasoza amateka ya Samusoni hatubwira ngo Abafilisitiya baramufata, "Bamunogoramo amaso" "**Bamumanukana**" I Gaza, bamugira umusyi mu nzu y'imbohe.

Muri iyi nkuru ibabaje ya Samusoni, Bibiliya yakoresheje ijambo kumanuka inshuro "esheshatu" zose k'uwari umucamanza w' abisirayeli wari ukwiriye kuba intangarugero ku basore bitegura kurushinga, ariko bikaba ikinyuranyo.

Icyakora Imana ishimirwe ko itamutereranye muri izo ngorane yiteye. Ari muri gereza yicujije ubugoryi yagize asaba Imana imbabazi, arababarirwa umusatsi urongera uramera; yongera guhabwa imbaraga za Mwuka Wera bityo ashikuza inkingi z'inzu mbera-byombi imbaga y' Abafilisitiya yari iri aho ipfana na we.

Samusoni aheruka amanuka, ajya kurambagiza, ntiyagarutse ukundi ahubwo bazamuye umurambo ujyanwa muri Isirayeli ushyingurwa yo.
Abacamanza 16:26-31.

II.1.2. AMAHEREZO YA SAMUSONI.

Izina "Samusoni" bisobanura “*Akazuba gato*” "Petit soleil", "Little sun", Ni akazuba gato kari gakwiriye guhora kitegeye cyangwa kegeranye

n'izuba rikuru. *Dr. René Pache, Nouveau dictionnaire Biblique, 1961, P. 676.*

Ariko inkuru ibabaje y'uuyu muhungu ni uko atigeze na rimwe atekereza ku izina yitwa ngo bimutere kuba hafi ya "Yesu Kristo" Zuba ryo gukiranuka.

Malaki 4:2.

Uyu musore wayoborwaga n'irari ry'umubiri, ntushobora kumubona na rimwe abanza gusenga Imana ngw'imuyobore mbere yo kujya kurambagiza cyangwa se ngw' agishe inama ababyeyi be. Ahubwo yakoze ibimujemo nyuma Azamuka aje gutanga amatangazo y' ibyo yarangije.

Ababyeyi be na bo nta rugero rwiza badusigiye kuko bahuzagurikaga mu myanzuro yabo. Bacyumva ko yahangaye kumanuka akajya kurambagiza mu bapagani b'ababfirisitiya basenga ibigirwamana, baramwamaganye.

Ariko bidatinze, umuhungu wabo arabemeza baramugarukira ndetse Ise na we ahangara kuranuka ajya gusaba! Ishyingirwa rya Samusoni ntaho ryatandukaniye n'ishyingurwa

Rye, bahambye umuhungu wabo gusa icyo batakoze ni ugutererayo utwatsi..

Uyu musore wizeye imbaraga afite ariko Akibagirwa uwazimuhaye iyo atekereza cyane ku izina yitwa Samusoni (akazuba gato) ntiyari kugwa mu baburamana kandi ari umunaziri werejwe Uwiteka agisamwa. Izina riheruka yahawe n'abanyamateka ni " **The weak-strong man**" ari byo bivuga umunyangufu w'umunyantega nke cyangwa "uworoshye mu bitekerezo ariko akagira imbaraga nyinshi z'umubiri", Thompson-Chain Reference Bible. King James Version, 1988, p.1648.

Samusoni yanze kumvira Uwiteka wari waramubikije ibanga ry'imbaraga maze aramanuka ajya mu bafirisitiya, bamufatirayo baramufunga. icyakora igihe yamaze muri gereza amaso barayajoboyemo, Imana ntiyamutereranye. Yongeye kumeza undi musatsi yongera no guhabwa imbaraga nk'iza mbere.

Amaze gusenga yaritugatuze ashikanuza inkingi z'inzu mbera-byombi imbaga y'abafilisitiya yari Iteraniyemo yaje kumushungera, maze ibagwa Hejuru bose bapfana na we.

Inkuru ishimishije: Burya dufite Imana Idasanzwe igira impuhwe kandi ntirangwemo inzika cyangwa inkyuro. Yababariye Samusoni ndetse abikiwe ubugingo buhoraho n'ubwo yaguye mu maboko y'apagani. Burya rero, Satani amenya aho dukorera ibyaha ariko ntajya Amenya aho tubyihanira. *Soma Abaheburayo 11:32*

Mbese wari uzi ko Yesu Kristo ari papa wawe? Burya ni we utanga ijuru, nawe niba urishaka yariguha. icyo agushakaho ni kimwe gusa, ni uko “wemera” ibyaha byawe, ukabimusabira imbabazi Ukamusaba n'imbaraga zo kubigukuramo (*Yeremiya 3:13-14*)

II.2. ISAKA: ICYITEGEREREZO MU KURAMBAGIZA “BAZAMUKA”

Isaka yagize amahirwe atangaje yo kubyarwa n’Aburahamu umubyeyi wubaha Imana, uvugana na Yo bityo akamenya ubushake bwayo mbere yo gukora ikintu icyo ari cyo cyosse kuko yari umunyamasengesho.

Amahirwe ya kabiri yagize ni uko Ise Yamwiyegereje cyane kurenza abanda bose, umwana na Se baba inshuti magara za zindi z'akadasohoka. Bityo umwana na We umunyamasengesho ku giti cye wabikundishijwe na Se.

Ibyo byatumye umwana yiringira Se cyane ku buryo ntacyo yabashaga gukora batakigiyeho inama. Nta musore cyangwa umukobwa wigeze arusha Aburahamu kubaka ubucuti kuri Isaka.

Ibuka baganira uburyo agiye kumwica ngw' amutambire Imana umusore akabyemera (*Itangiriro* 22: 7-12). Mbese umusore w'uyu muni yabyemera? Cyangwa ni we wakwica Se

Akamutamba? Kiriya ni igihamya cy'ubucuti budasanzwe bari bafitanye.

Amahirwe ya gatatu y'uyu musore, ni uko yemeye kumva impanuro zose z'ababyeyi be maze ubushake bwe asa n'ubuteretse mubwabo kuko yari azi ko bamukunda bakanamurusha ubunararibonye. Wari umudendezo w'uyu musore, guhitamo kugendera ku nama z'ababyeyi cyangwa akagendera ku ze bwite hamwe n'iz'urungano rwe.

II.2.1.KUBAHA NO KUMVIRA ABABYEYI

Iyo umuntu akuze, akaba afite imvi cyangwa uruhara ntuzatekereze ko byaje k'ubusa. Ni ikimenyetso ko yabonye ibintu n'ibindi kandi abasha kwikura mu ngorane zikomeye z'ubu buzima. Hari uguhuzagurika (ari yo makosa) aba yaranyuzemo wowe utaravuka maze akabikuramo amasorno yubakiraho ubuzima bwe bwose kuko ibuye riba ryaragaragaye riba ridashobora kwongera kwica isuka.

Umuntu nk'uriya rero ujye umwubahira iryo shuri rikuru ry'ubuzima aba yararangije wowe utarabaho. Soma *Abalewi 19:32*.

Burya ni ho havuye ijambo "*Experience*" ari byo bivuga "*Ubunararibonye*". Ijambo "*Experience*" bisobanura "Igiteranyo cy'amakosa n'uguhuzagurika wagize mu buzima - *Ensemble des erreurs comises dans le passé*". Kuko uyu muntu yigiye byinshi mu guhuzagurika yagiye anyuramo, bikunda kurangira abaye "*Inararibonye*".

Kwegera inararibonye nk'iyo, ni ukwiteganyiriza kuko ikungura ubwenge. Ibi byahamijwe n'abavuga igiswayire ubwo bagiraga bati: "*Kuishi Kuingi, Kuona mengi*" aribyo bivuga ngo "Umuntu uramye cyane aba yarabonye ibintu n'ibindi.

Mu rurimi rw'igifaransa ho baravuze ngo "Si Jeunesse savait, si vieillesse pouvait" Abasore Bagira imbaraga ariko bakabura ubwenge; mu gihe abasaza bagira ubwenge ariko bakabura imbaraga". Nk'uko abasore bakeneye

ibitekerezo by'abakuze ni ko n'abakuze bakeneye imbaraga z'abasore.

Icyampa urubyiruko rwa none rukamenya iri Banga maze rukegera abatuboneye izuba.

Icyakora nta byera ngo de, hari abantu ubona bakuze bihagije bagombye kubarizwaho inama, ubushishozi, ikinyabupfura, kwiubaha n'umuco, ariko ugasanga ntabyo bagira. N'ubona abameze batyo ntuzabitindeho kuko ntawe utanga icyo na we adafite. Burya mu buzima iyo utabaye icyitegererezo uba akabarore.

Iyo hari abakuze ubuzeho inama nzima na ryo riba ari isomo ubakuyeho ryo gutegura ahazaza hawe kugira ngo nusaza abakiri bato batazakuburaho impanuro.

Umubano wa Isaka n'Aburahamu ntiryari itegeko ry'igitsure ngo dutekereze ko umwana yubahaga Se kubera ubwoba ahubwo wari umudendezo we usesuye wo kwihitiramo inshuti y'ukuri.

“Kubwo kunezezwa n'icyubahiro cyo kwitwa "Umuragwa w'amasezerano" Imana yagiranye na Se, afite imyaka mirongo ine y'ubukuru (40 ans), Isaka yahisemo kugendera ku nama za Se mu gutoranya uzaba umugeni we! Umusaruro wavuyemo ni uko Rebeka yamubereye umugore mwiza wamumaze umubabaro akamwibagiza nyina wari warapfuye ”. Ellen G. White, Foyer Chretien, P. 71.

N'ubundi koko umugore mwiza angana na mama wawe, yaba ariho cyangwa atakiriho. Iyo yapfuye akwibagiza icyuho cyatewe n'urupfu rwe kuko amusimbura akakwitaho nk'uko yabigenzaga. N'umugabo mwiza na we ni uko. Angana na papa wawe yaba atakiriho akakwibagiza icyuho cy'urupfu rwe kuko urukundo agukunda uburyo akurinda, aguhumuriza, agukundwakaza, akanihanganira intege nke zawe bituma wongera kumubona nka papa wawe.

Ubanza ari ho abahanga bavanye imvugo y'icyongereza ivuga ngo **"FAMILY-UMURYANGO.**

Aba bahanga bagenekereje ririya jambo maze
buri nyuguti irigize bayiha ubusobanuro
bukurikira

F ather

A nd

M other

I

L ove

Y uo

ari byo bivuga ngo “**Papa nawe mama ndabakunda**”. Ibi birerekana ko aya magambo avuzwe n'umwana wabo. Ariko na none iyi mvugo ni iy’abashakanye bibera mu rugo ruhumura aho umugore yita umutware we “Papa” (ndagukunda: Father I love you) n'umugabo akita umufasha we “Mama” (ndagukunda: Mother I love you).

Burya mu ijambo Family, harimo umwana ariko kandi nta n'urimo kuko nta nyuguti ya “C” ivuga “Child” ari byo bivuga umwana ibonekamo.

Ni yo mpamvu mbere yo gushyingirwa umusore n'umukobwa bari imbere y'intumwa ya Leta n'imbere y'intumwa y'Imana, umwe arahirira undi ngo “...*Twaba tubyaye cyangwa se*

Tutabyaye...nzakomeza kugukunda no kukubaha”.

Iki rero ni igihamya cyerekana ko umusore n’inkumi babana kubera “urukundo” bakundana batabanishwa n’ abana. Abana ni umugisha utangwa n’ Imana yonyine. (Zaburi 127:3). Batabonetse cyangwa bagatinda kuboneka, igikwiriye ni ugukomeza kuyiringira kuko iba izi impamvu. *Yeremiya 29:11*

N’ubwo abana bongera urukundo rw’ abashakanye kuko baba ari ishusho ya bombi, ntabwo bose bahindukira umugisha ababyeyi babo. Bamwe bahinduka intandaro y’amakimbirane mumiryango, abandi bakaba urukozasoni muri rubanda bityo abababyaye bagahora bicuza icyo bababyariye.

IMPUGUKIRWA:

Nk’uko nigeze kubyandika mu gitabo nise "IJURU RITO IBANGA RY’UMURYANGO UNEZEREREWE ku ipaji ya 13-14 Ku cyigisho cyitwa "**Abagize umuryango**", nerekanye uburyo "*umugabo n’umugore batabana kugira ngo babyarane, ahubwo babana kuko bikundaniye. Abibeshya ko urugo rutarimo abana ruba rutuzuye bamenye ko ari ukwihenda*

gukomeye. Abana bashobora kuboneka nk'uko n'indi migisha iboneka cyangwa ntiboneke. Muri icyo gitabo cy'ijuru rito, herekana ko kutabyara atari umuvumo w'Imana kuko hari abagomeramana benshi babyara kandi batayubaha. Zaburi 73:1-12.

Ndongera kwihanganisha cyane imiryango itaragize amahirwe yo kubona umwana hamwe n'iyatinze kumubona, Reka mbahamirize ko urugo rwanyu rwuzuye imbere y'Imana kandi Ijuru rishobora kurwubaha no kurugenderera nk'izindi ngo z'abubahamana (niba namwe muyikunda kandi mukayubaha) nk'urugo rwo kw'Aburahamu na Sara (*Itangiriro 17:15-21*) no kwa Zakariya na Elizabeti (*Luka: 15-7*), basurwaga n'intumwa z'ijuru kandi batagira umwana.

N'ubwo nta muzindutsi wa cyane ushobora kugera ku mitima yanyu ngo yomere igikomere gihari, ndasaba Uwiteka ushobora ibyananiranye, agahindura ibyanze guhinduka ngw'atahe ku mitima yanyu. Ahari amaganya n'gahinda ahashyire amahoro n'ibyishimo; ahari ukwiheba n'intimba ahashyire kwikomeza no kwihangana; ahari amajune no gusuhuza umutima ahashyire ibyiringiro no

kwiyumanganya; ahari ugutsindwa no gucika intege; ahashyire ubutwari no kunesha; ahari ukwihugiraho no kwitekerezaho ahashyire akanyamuneza no guturiza mu Mana; ikiruta ibindi ndabifuriza "Business" yitwa "*Kubaha Imana gufatanye no kugira umutima unyuzwe kugira ngo kuri iyi si mwibonere "inyungu nyinshi"*

1 Timoteyo 6:6

Koko rero nta cyiza nko kugira "Uruta kubyara hungu na kobwa", wa wundi witwa "Mahoro yacu" (Abefeso 2: 14); "Melikisedeki - Umwami wo Gukiranuka (Abaheburayo 6:20, 5:6, 7:1,) akaba na "Go'el - Mwene wacu wa bugufi utabara umuryango aho rukomeye (Rusi 4:1-13); Uwo nta wundi ni Yesu Kristo "Byiringiro bya Isirayeli" (Yeremiya 14:8).

II.2.2.UKO ISAKA YARAMBAGIJE

Hari abajya bacyeka ko Isaka atigeze arambagiza ngo kw'ari Imana yamutoranyirije uwo bazabana atazi kandi atakunze, ariko si byo. Isaka afatanyije n'umubyeyi we bateguranye indangagaciro z'umukobwa ukwiye kuba umugore we. nubwo batari bazi uwo Imana izabayoboraho, ni bo bishyiriyeho ibyangombwa akwiye kuba yujuje.

Hari n'abibwira ko atakoze ubukwe, ko Rebeka yaje agahita amurongora nta birori bibaye ariko si byo. Dore icyo umwuka w'ubuhanuzi uvuga: *Murugo rw'Aburahamu habaga abantu barenga igihumbi (plus de mille personnes) atunze kandi abenshi, muri bo bari abayobozi b'imiryango bubatse.* Ellen G. White, Uburezi, P.195.

Mur'abo harimo abasirikari barenga Magana Atatu yatoje kandi abereye umugaba. Bigeze kuja kurwana i Sodomu bagarura Loti wari ujyanyweho umunyago n'ubutunzi bwe. (Itangiriro 14:1-16)

Ibaze: Niba kw'Aburahamu harabaga abantu barenga igihumbi, kandi bese bakaba baratashye ubukwe bw'igikomangoma Isaka mbese abo bakwe ni bacye?

Dore muri macye indangagaciro nkuru eshatu umukobwa yagenzurishijwe hakurikijwe ibyifuzo bya Isaka:

Iya mbere: Umukobwa yagombaga kuba avuka mu muryango w'abasenga Imana Yehova kandi na nyir'ubwite akaba ari Yo_aramya. Iyi ndangagaciro yari rudasumbwa kuri Isaka watinyaga kubana n'umupagani usenga ibigirwamana. Mu rurimi rw'icyongereza iyi ndangagaciro yitwa "**Jehovah's fearing**".

Ibuka ko mu rubyaro rwa Isaka ariho hagombaga kuzaturuka ishyanga ry'abubaha-mana. Umugore yagombaga gushaka rero yari kuzaba nyirakuru w'abami n'ibikomangoma tutibagiwe "*Kristo Yesu*" akaba na Mesiya wari utegerejwe. *Itangiriro 3:15.*

Muvandimwe usoma iki gitabo, mbese wiboneye impamvu indangagaciro yo kuramya Imana y'ukuri yari rudasumbwa k'umugeni wa Isaka? Burya umwana afata atnatwara y'ababyeyi be ku buryo buhanitse. Niyo mpamvu Rebeka (muka Isaka) yagombaga guturuka mu gisekuru cy'abasenga Imana y'ukuri.

Nkuko "*isuku igira isoko naho umwanda ukagira akazu*", gutinya Imana no kuyubaha,

byari ubuzima bwa Rebeka kuko ari wo muco yabonanye ababyeyi be akawukuriramo.

Iya kabiri: Umukobwa yagombaga kuba ari umunyabuntu, agira urugwiro kandi akaba umunyabwuzu wakirana umunezero abamugana. Ibyanditswe byera bivuga ko umunyabuntu azabyibuha kandi ko gutanga bizana umugisha kuruta guhabwa. **Imigani 11: 25; Ibyakozwe n'intumwa 20:35.**

Nk'igikomangoma, Isaka yifuzaga umugore uzatuma urugo rwabo rugendwa kandi abakene bakaruboneramo ubufasha. Iyi ndangagaciro yo kugira Ubuntu no gutanga mu rurimi rw'icyongereza yitwa "**Generosity**". **Imigani 31:20**

Iya gatatu: Umukobwa yagombaga kuba akunda kwakira abashyitsi bamugana, yaba abazi cyangwa atabazi. Umugore ufite iyi mpano, ahinduka ishema ry'umugabo we kuko abagenda mu rugo rwabo bacyirwa neza, bityo bagahora basabirwa umugisha n' ababagenderera baba abenegihugu cyangwa abanyamahanga.

Bene iyo ndangagaciro mu cyongereza yitwa “Hospitalality”. **1Abami 17:9**

Eliyezeri igisonga cy' Aburahamu burya yatumwe kujya gushaka umugeniagendeye kuri ziriya ndangagaciro yahawe n'umusore. Nyuma y'amasengesho akomeye Aburahamu n'umuhungu we bakoze basaba Imana umugeni, baramurahije kugira ngo azazigendereho yabirengaho akazicwa n'igihango. Mbere yo guhaguruka, Eliyezeri yijejwe ko Imana izohereza umumarayika akamuyobora k'umukobwa wujuje ibyasabwaga.

Nk'igisubizo gitanzwe n'ijuru Rebeka mwene Betuweli yarahagurutse ajya kuvoma maze apimishijwe biriya byose biba mahwi. **Itangiriro 24: 10-28.**

III. TACT NA CONTACT BAKUNZE UMUKOBWA

Hari igitekerezo numvanye Pastor Alain Collarie ukora mu itorero ry' Abadventisiti b'Umunsi wa Karindwi muri Diviziyo ifite icyicaro muri Kenya cy'abasore babiri kunze umukobwa umwe wari mwiza cyane ariko buri wese amukunda ukwe undi atabizi.

Umusore wa mbere yitwaga "TACT" bisobanura "Amageza" cyangwa "ingamba z'ubwenge"; naho uwa kabiri akitwa "CONTACT" bisobanura "Umushyikirano", cyangwa "Umuhuza", Nk'uko nawe ugiye kubyisomera, uko aba basore barambagije uriya mukobwa biratangaje kuko bihabanye nk'uk'umucyo n'umwijima bihabanye.

III.1. UKO TACT YARAMBAGIJE

Umusore witwa "TACT": Nk'uko izina ry'uyu musore riri, na we ni ko yakoze. Yahimbye amageza maze ashaka Gitari nziza ahimbira wa mukobwa indirimbo zimutaka ubwiza bwe, urukundo amukunda, uko azamubera umugabo

uzamutetesha kandi akamukundwakaza, n'indi mitoma iryoheye amatwi.

Buri gitondo Tact yajyaga kwicara hafi y'inzira, ah'uwo mukobwa yanyuraga buri muni ajya ku kazi cyangwa ataha maze akamurimbira agahogoza ari na ko yitegereza uburanga bwe. Nimugoroba saa kumi n'imwe na bwo yabaga yahageze akamusezeraho akoresheje indirimbo y'injyana nziza ishimangira ko namwemerera umubano bazagira urugo rw'amahoro.

Ibi kandi ntaho bitandukaniye n'imirambagirize iriho muri iki gihe cyiswe icy'aba "**Dot Com**" n'aba "**B.N.C**" bibera kuri Enterineti, Fesibuke, Tuwita na Watsapu. Ngaho aho abasore n'abakobwa bacu basigaye barambagirizanya.

Bamenyanira ku ikoranabuhanga, bakaganira twose bahujwe n'uturahure twa mudasobwa, bakohererezanya amafoto kugira ngo buri wese arebe uko mugenzi we ateye, ndetse n'iyi babishatse bavugana barebana kandi umwe ari mu Rwanda undi akaba mu mahanga.

Iyo bagize umugisha babonana imbona-nkubone maze hakaba ubwo umwe asanga uwo yamaze kwemerera urukundo adasa nk'uko yamwibwiraga cyangwa yamutekerezaga amurebeye ku mafoto!

Iyaba cyari icyo gusa ntacyo byaba bitwaye cyane. Ariko ikibabaje kurushaho ni uko umwe aba atazi imico y'undi kugeza igihe bazabanira maze agatungurwa no kubona ingeso atigeze amenya nk'uko igiceri cyari cyubitswe cyubukurwa tugasoma ibindi birango bicyanditseho !

ICYITONDERWA: Izina “Dot com” bivuga “Akadomo com”

Ni akabyiniriro kahawe abantu bakunze gukoresha ibya murandasi(Internet) hamwe n'imbuga nkoranyambaga.

Izina **B.N.C** byo bikavuga *"Born near computer"* cyangwa abavukiye iruhande rwa mudasobwa. Ikinyuranyo cyabo ni aba **B.B.C** bivuga *"Born before computer, "* ari byo bivuga abavutse mudasobwa zitaraza.

Impugukirwa: Izi mvugo zikoreshwa cyane n'urubyiruko rw'iki gihe hagati yabo.

III.2. UBUTAMENYA BWA TACT

Mu byiyumviro bye, Tact yihutiye kuririmbira umukobwa indirimbo n'imitoma ariko yibagirwa icy'ingenzi. Ntiyigeze na rimwe akenera kumenya iwabo w'uyu mukobwa; ,ntiyigeze yifuza kumenya imico ye kuko yari yaratwawe n'uburanga gusa; Ntiyigeze yita ku kumenya imisengere y'iwabo ,nta n'icyo yakoze ngw'amenyane byibuze na musaza w'umukobwa, nyirarume cyangwa se nyirasenge mu rwego rwo kumumenya neza.

Kuri we iyo umukobwa aza gukururwa n'iriya mivugo hamwe n'indirimbo bari kwemeranya umubano ahasigaye bagapanga amatariki y'ubukwe bahereye ku bushobozi bw'umutungo bafite, bakemeranya “Salle” bazakiriramo abantu babo hamwe n'urusengero bazasezeraniramo byarangira umukobwa akamenyeshaiwabo ko afite inshuti y'umusore witegura kubasura n'umusore akamenyeshababyeyi be ko yabonye umugeni bakwiye kujya kumusabira. Ku bigaragara ababyeyi bombi icyo bahawe ni amatangazo y'ibyarangiye.

III.3. TACT UYU MUNSI

Muri iki gihe, bamwe mu basore n'inkumi baturira ahantu runaka nko mu bukwe cyangwa ibindi birori ari bwo bwa mbere, umwe akabenguka undi bagahita bemeranya kubana!

Mu minsi micye umusore n'umukobwa bakamenyesha ababyeyi babo ko bafite inshuti zitegura kuza kubasura. Igikurikiraho ni uko kubonana kw'ababyeyi bombi bihwanirizwamo no gusaba irembo!

Hanyuma itsinda ry'abantu bacye cyane bakajya kuba abahamya b'amasezerano y'abitegura gushyingirwa akorerwa imbere y'ubuyobozi bw'igihugu (mariage civile).

Igiheruka ni ugusaba no gukwa hamwe no gusezerana imbere y'Imana bikorerwa umunsi umwe ubwo "aba dot.com" bakaba bararwubatse!

IKIBAZO: Mbese ntibibabaje kubona ababyeyi basigaye bahabwa amatangazo y'ubukwe bw' abo bibarutse?

ugira ngo se hari ukwezi kwa buki bamwe bakigira? Reka da, nyuma y'iminsi mike bashyngiwe inshingano zo mu buzima ntizibemerera kuba hamwe. Ariko ubundi bariya bantu baraziranye? None se bazamenyana ryari?

Ibi byose bimeze nk'ibikamyo byagwiriye imiryango hakaba harabuze uwabibateruraho.

"Iyaba amaso yacu mu by'umwuka yahumukaga, twabona abantu batsikamiwe no gukandamizwa kandi baremerewe n'intimba, batsikamiwe nk'imodoka ipakiye imitwaro iremereye cyane kandi bagiye gupfira mu gucika intege no kutagira ibyiringiro; Twabona abamarayika baguruka bihuta cyane bajya gufasha abo bantu bageragezwa, basubiza inyuma ingabo z'umubi zibagose kandi bagashyira ibirenge byabo ku rufatiro rw'ukuri.

Urugamba ruhinanye hagati y'izo ngabo z'impande ebyiri zihanganye ni urugamba rufatika nk'ururwanwa n'ingabo zo kuri iyi si, kandi amaherezo [y'abantu] y'iteka ryose ashingiye kuri icyo kibazo cy'intambara mu by'umwuka." Ellen G.White, Abahanuzi n'Abami, P.91.

III.4.UKO CONTACT WE YARAMBAGIJE

Mbere ya byose izina "Contact"risobanura

"Umushyikirano w'abantu" cyangwa ibintu bibiri bihurijwe hamwe. Ni naho hava ijamba "Kontaki" ari rwo rufunguzo rutwara imodoka cyangwa ipikipiki.

Umusore witwa CONTACT, nk'uko izina rye riri, we ntabwo yakoze nka mugenzi we TACT bona n'ubwo atigeze anamenya ko hari undi musore uri gushaka uriya mukobwa.

Icya mbere yakoze yihutiye kubaririza iwabo w'uriya mukobwa w'umutima maze ajya gusura Ise na nyina kandi agenda wa mukobwa atabizi. Ababyeyi baramwakiriye bamubaza aho aturuka arahababwira, bamubaza ababyeyi be arabababwira, Agiye kugenda avuga ko yari abagendereye gusa aje kubasura, kugira ngo bamenyane. baramushimye bati n'ubutaha ni karibu mwana wacu kandi udusuhurize ababyeyi, baramuherekeza arataha.

Hashize icyumweru **Contact asubirayo** noneho yinjira yisanga kuko ba nyir'urugo bamuzi, Bamwemerera no kubasanga mu gikari batangira kwiganirira bari no mu mirimo ndetse bimwe Contact akabibafasha nko gutonora ibishyimbo n'amashaza. Contact agiye gutaha na none arabasengera baranyurwa, bamuherekezanya Ubwuzu n'umunezero mwinshi.

Ubwa gatatu Contact ahengera wa mukobwa agiye kuva ku kazi asubira kubasura maze umukobwa amusangana n'ababyeyi be amuhereza ikiganza akomereza mu gikari ajya mu mirimo ya nimugoroba.

Ku nshuro ya kane yagiyeyo ari muri "weekend" wa mwari w'umukobwa atagiye ku kazi. Kuko Contact yari yaramenyeranye na ba babyeyi yabasabye ko bamwemerera kuganira n'umukobwa wabo, Barabimwemereye maze bavuganaho bicye ababyeyi bicaye iruhande rw'umwana wabo. Ubwo yasezeraga, umukobwa we yagarukiye ku irembo, ababyeyi bamugeza hirya gato baragaruka.

Ku nshuro ya gatanu, noneho Contact akihagera, ababyeyi baribwirije bahamagara umukobwa wabo kugira ngo aze aganirize undi mwana. Ni bwo bwa mbere bari bicaye ari babiri, babazanya udukuru twinshi bisanzuye, umwe abwira undi aho yize n'abo biganye, bahana nimeru za telefone kandi umusore aseze, noneho wa mwari aba ari we umuherekeza, batangira kwinjira mu rukundo Batyo.

Icyashimishije umukobwa kurushaho ni ukuntu nyina na Se bari barakunze uriya mwana w'umuhungu, bakamutangira ubuhamya bikiranya ngo aritonda, ngw'afite uburere, n'ibindi

Ku nshuro ya gatandatu, Contact nk'uwendaga guturika yaratoboye abwira wa mukobwa ko yamutwaye umutima, akaba yifuza kubana na we. Umukobwa yamubwiye ko azabaza ababyeyi (ikimenyetso ko we adahakanye) akazamuha igisubizo vuba.

Intambwe ya karindwi, Contact yabwiye Se na nyina ko ibunaka hari umwari wamutwaye umutima, anabasaba ko na bo barambagiza umugenderano (ababyeyi bombi bakamenyana) kandi ntibatinde mu makoni bakavuga ko umuhungu wabo yakunze umukobwa wabo, akaba yifuza ko bamumuha akamushyingirwa ahasigaye bakamukosha. Wowe usoma iyi nkuru ntiwirirwe ubaza ibyakurikiyeho, ubukwe bwari bwamaze guhumura, igisigaye ari ukuganira ku matariki gusa no kuyemeza ahasigaye bagasohora impapuro z'ubutumire (Invitation).

Mu gihe ubutamenya bwa Tact bwamuteye kwibwira ko imitoma, ibisigo n'indirimbo bihagije, yahugiye muri ibyo ntiyamenya ko ababyeyi b'umwana warezwe bamaze gusaba irembo kera kandi bakarihabwa. Uyu mukobwa ukowe, yari asigaje gushaka indi nzira azajya acamo kuko yari asigaye yumva ibyo Tact avuga ari nk'urusaku kuri we, yari yaramaze kubona urukundo nyarwo rw'ukuri. Murabona rero ko uwegukanye uriya mwali w'umutima ari contact.

III.5. ICYO CONTACT YARUSHIJE TACT

Umuhanga mu kurambagiza ntabwo arambagiza umukobwa cyangwa umuhungu wenyine, ahubwo arambagiza n'ababyeyi b'uwo ari kurambagiza ariko cyane cyane nyina.

- Nyuma y'ababyeyi bombi, abo bava inda imwe bakurikiraho n'umuryango mugari muri rusange; Iyo ibyo birangiye, ubaririza aho umukunzi wawe yakuriye, ikigo cy'amashuri yizemo n'imyitwarire yamurangaga muri rusange,

- Kumenya ibyo yakundaga kubamo ari kumwe n'urungano rwe; ndetse iyo bigushobokeye uba ukwiye no kumenya inshuti ze magara n'imico yazo.

Contact yashatse amakuru mu buryo bwose bushoboka mbere y'uko abwira umukobwa ko amukunda. Amaze kumenya neza imico y'uzaba nyirabukwe na Sebukwe ndetse na baramu be ni bwo yimenyekanishije ku mukobwa.

Uburyo bwo kwegeranya amakuru kugira ngo umenye umuntu neza n'ibyo yabayemo mu gihe cyahise ni byo bita mu rurimi rw'icyongereza “**BACKGROUND**”

Gushyingiranwa mwirengagije iyi ngingo si byiza
Na gato. Nubwo uwo wakunze yaba akizwa ate
G Ntukabure kumenya ibyo yabayemo atarakira
u Agakiza kabone nubwo kubimenya bitakubuza
s Kubana na we. icyakora bishobora no kuvamo
h Impamvu yatuma mudakomezanya bitewe
y n'uburyo ayo mateka ayahaye uburemere.

i
n Akamaro ko kumenya ibyo yabayemo kera
g Bizafasha abashakanye kwihanganira igihe
i Umwe umwe muri bo asubiye mu byo yigeze
r Kubamo cyera.

w

a

1

1

.

.

n

.

IV. UBUTUMWA KU BITEGURA KURUSHINGA

Iyo umugenzi ku rugendo rwo kuja mu kindi Gihugu cyangwa ahandi hantu kure y'iwabo, asabwa kwitegura bihagije kugira ngo azabashe kugerayo nta nkomyi ahuye nayo mu nzira. agerageza gushaka amakuru y'igihugu azajyamo mbere y'uko urugendo rutangira, akegeranya ibyangombwa byose byaba ibizamufasha mu rugendo ndetse n'igihe azaba agezeyo. Kubaka urugo na byo ni urugendo rukomeye kuko ruvana umuntu mu rwego yari arimo rukamushyira mu rundi. **Zaburi 37:5**

IV.1. UBUTUMWA KU MUSORE

Umusore ugiye kubaka urugo akwiye kubanza akiga neza kandi mu buryo bwimbitse icyo “**Urugo**” ari cyo.

IV.1.1.KUMENYA ICYO URUGO ARI CYO

Urugo *"Ni ikigo gikomeye kijya kumera nk'igihugu dusanzwe tuzi"*. Nimureke dukore icyitwa gusanisha maze turebe aho urugo ruhurira n'igihugu dusanzwe tuzi.

- Urugo rugira amategeko arugenga n'ubuyobozi Bihanye (Administration);
- Urugo rugira abashinzwe kurinda iyubahirizwa ry'ayo mategeko ari bo umugabo n'umugore bakunganirwa n'abarubamo bandi;
- Urugo rugira ibyiciro n'inzego twagereranya na za "Minisiteri nk'uko igihugu kizigira.

Ingero:

-Twavuga nk'icyiciro cy'Ubuzima bwiza bw'umuryango twagereranya na Minisiteri y'Ubuzima;

- kurinda no kubungabunga ubusugire n'umutekano w'abagize urugo twagereranya na Minisiteri y'Umutekano;
- Kubana neza n'abaturanyi ndetse no gushaka inshuti kugira ngo abagukomokaho bazabone aho bisanzurira nta nkomyi twagereranya na Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga;
- Kugena mbere umubare w'abana muzabyara n'igihe muzababyaramo mukurikije ubushobozi n'igihe mufite, twagereranya n'ikigo cy'igihugu gishinzwe guhugurira abaturage ibijyanye no kuboneza urubyaro.
- Rugira kandi Inama y'umuryango yita ku bana no kumenya ibibabangamira twagereranya na NCC (National Congress for Children). Icyo gihe bizaba ngombwa ko Papa na Mama bicisha bugufi cyane bakumva ibyo abana bashima n'ibyo banenga bikwiriye gukosorwa hamwe n'ibyifuzo (Recommandations) byatuma mu rugo hataama impumuro nziza.

-Urugo rugira ushinzwe ibya mwuka Hakurikijwe imyizerere y' abarugize twagereranya n'umutambyi (Pastor) cyangwa Umukuru w'Itorero (Church Elder).

-Urugo rugira kandi umushinga witwa “END IT NOW” ushinzwe gukumira no kurwanya ihohoterwa ry'uburyo bwose rikorerwa mu ngo.

Icyitonderwa: "End it now" (**Bihagarare guhera ubu**) ni umushinga ukorera mu itorero ry' Abadventisiti b'Umunsi wa Karindwi ku isi ugamije gukumira no kurwanya ihohoterwa ry'uburyo bwose hamwe n'ikandamiza bikorerwa mu ngo zimwe na zimwe.

IV.1.2. INAMA Y'IZAHABU KU BARAMBAGIZANYA

Musore nawe nkumi mwigurira kurushinga mukwiriye kuzirikana ibi bikurikira:

- "Umusore uhangara kandi akishimira kuzura n'inkumi ababyeyi b'uwo mukobwa batabizi, ntabwo aba akoreye ibikwiye uwo abeshya ko akunda. Igihe bavugana udukuru kandi

bagahurira mu rwihisho (coin perdu), wa musore ashobora kumushuka akamwangiza maze akaba agaragaye ko atigeze aba umunyangeso nziza.

-Umuntu uyobora umukobwa, akamuvana ku bitekerezo byo kubaha no kumvira ababyeyi be, akamujoyana ababyeyi be batabizi ntaba ari umunyakuri mu masezerano yo gushyingirwa. "NTUKIBE" ni itegeko ryera ryanditswe n'urutoke rw'Imana Ihoraho".

-Gukinisha imitima ni icyaha kitagira uko kingana mu maso y'Imana yera. Nyamara bamwe bakunda inkumi barazikundisha barangiza bakiyibagiza amagambo bazibwiye batitaye ku buremere bwayo n'ingaruka byagize ku bitekerezo, ku mishinga n'imigambi by'izo nkumi, babona undi mukobwa bakamubwira na none amagambo ameze nk'aya mbere!

- Abmarayika ba Satani babana n'abamara igihe kirekire barambagiza nijoro. Iyaba amaso yabo yarahumuwe, babasha kubona Malayika w'Uwiteka arimo kwandika adasobwa buri jambo ryose bari kuvugana bari aho hantu ha babiri ndetse n'ibikorwa by'urukozasoni baba barimo.

- Byanzeza biruseho, gukuyakuyana (caresses). no gusomana, babihariye mu gihe kiba kiri

imbere bamaze gushyingiranwa kuko n'ubundi icyo ari igikorwa cyagenewe abashakanye gusa ". EG White, Inama Zigirwa itorero Vol.2.P.16-17.

Nyamara ikibabaje, "benshi bomokera mu cyambu cy'amakuba, batagira umwerekeza bakibwira yuko bafite ubwenge buhagije bwo kuyobora inkuge yabo batazi ko bagiye gusekura urutare ruhisha ahatagaragara maze bikarangira ya nkuge yo kwizera kwabo imenetse! *Ibid. P.13; 16.*

IV.1.3. ICYO KUBA UMUGABO BIVUZE

Mbese musore nkunda, waba uzi icyo kuba umugabo bisobanuye? Waba uzi se ibyo ugiye kwinjiramo n'intera ugiye kujyamo? Mbese mbere yo kuyobora ziriya minisiteri zose na biriya bigo, waba uzi kwiyoobora? Mbese wubaha mama wawe cyangwa bashiki bawe ngo tumenye ko uzanubaha umufasha Imana izaguha? Kuba umugabo muvandimwe birenze kugira ubwanwa.

Abagabo bamwe ntibajya bumva inama z'abafasha babo kubwo kwirata no kwiyemera.

Abandi bahagamyeye mu mukingo witwa “ndavuze ngo...” Kandi Njyewe nababwiye ko ntakunda... ibi na biriya”, Hari n'abavuga ngo "Nongeye kukwiyama no kukwihanangiriza ubuheruka ko... nibyongera rimwe gusa, nzaku " Nshuti muvandirwe niba uwo urimo kubwira amagambo ariya kandi atemana nk'aya ari "Umufasha wawe" ntabwo ibyawe byoroshye.

Bene ibyo babyita kuyoboza urugo umunwa Kandi bizwi ko umunwa utayobora urugo ahubwo ruyoborwa n'amatwi ari cyo kiganiro.

IV.3. UBUTUMWA KU MUKOBWA

Mu mwaka w' 1993 ubwo nigishaga muri Koleji Nkunduburezi I Janja (ubu ni mu Karere ka Bukonya) nabajije abanyeshuri kumbwira itandukaniro riri hagati y'umwari n'umukobwa, maze mba nsembuye ikiganiro gishyushye mu banyeshuri dore ko bari mu mwaka wa gatandatu.

N'ubwo bazamuye urutoki ari benshi (abahungu n'abakobwa) nihutiye guha ijamba umukobwa

wabonaga ashaka gusubiza bwa mbere ari ntawe umutanze. Ubwo namuhaga ijambo ,yahagurutse nta mbebya ati: *"Abari bose ni abakobwa ariko abakobwa base si abari; yakomeje ijambo ati nk'urugero "Jyewe ... ndi umukobwa ariko si ndi umwari kuko nabyaye mfite umwana iwacu mu rugo!"*

yashoje ijambo avuga ati: kwitwa no kuba umwari biratandukanye, kuko umwari bivuga ubusugi ari byo kuba utazi umugabo kuva wavuka.(La virginité).

Ishuri ryose ryahise ryumirwa, abashakaga kuvuga bose bararuca bararumira. Mbega umukobwa w'umunyakuri! Nanjye nka mwarimu nta kindi nongeyeho kuko igisubizo yari yakimennye umutwe rwose. Abari b'u Rwanda rero nimumenye ko ririya tandukaniro rihari maze muharanire kuba abahebuje.

IV.3.1.INKOMOKO Y'IZINA "UMUKOBWA"

Umukobwa wese akwiriye kugira amatsiko y'izina yitwa, impamvu yarihawe, n'icyo risobanura. Izina "Umukobwa" riva ku nshinga "Gukwa, Ubukwe, Gukosha, no Gukobwa". Harongerera hakabonekamo ijambo **"Inka ndetse n'Inkwano"**. Ibi rero bituma "Umukobwa" wese amenya inshingano afite yo guhesha abamwibarutse "inka" n'ibiyiherekeza bizazanwa n'imiryango y'umusore uzamushima nk'urwibutso rw'impano ikomeye uwo muryango ubahaye. Mukobwa wacu Imana izagufashe iryo kamba uryambikwe ku manywa y'ihangu uheshe ishema ababyeyi bawe n'umuryango muri rusange.

Burya umukobwa wese agira **"Umutanga"** Ntabwo yijyana ahubwo agenda agaragiwe na basaza be, ba nyirasenge, na ba nyina wabo kuko *"Ahenze cyane kandi akaba n'umunyacyubahiro"*.

Reka tubaze Bibiliya itubwire uko byagenze ku bukwe bwabimburiye ubundi bwose kuri iyi si.

Nubwo tutari duhari, ariko Bibiliya itubwira Inkuru irushijeho kunezeza igira iti: “Imana Ubwayo imaze kurema umwari witwa “Eva”, Ni Yo yamushyiriye umusore witwa “Adamu Iramumushyikiriza” Mbese nka kwa kundi Musaza w’umukobwa cyangwa papa we ariwe umutanga ku mugaragaro. Muvandimwe ongera uzirikane iri jambo ngo “IMUSHYIRA...” Soma **Itangiriro 2:22**

N'ubundi umunyacyubahiro iteka ntagenda wenyine kuko ahora agaragiwe. Ishema n'icyubahiro nk'iki tubyifuriye abakobwa bose dufite mu gihugu cyacu; icyakora bamenye ko ari ibintu biharanirwa atari ibintu bipfa kwikora.

IV.3.2.KUMENYA KWICA AMATWI

Ijambo "Kwica amatwi" bivuga "Gusa n'utumvise ibyo ubwiwe kandi byose wabyumvise". Kwica amatwi ni ubuhanga bwo kurinda intekerezo zawe kugira ngo zidateshurwa ku ntumbero n'ibyo wumvise bakuvugaho.

Mu rurimi rw'igifaransa babyita *"Faire la soule oreille"* ari byo kudaha agaciro icyo abantu bakuvuzeho cyane cyane iyo gishobora kukwangiriza ibitekerezo, ari nko kukunegura no kukujora mu rwego rwo kugutesha agaciro mu bandi.

Mperutse gusoma ubuhamya bwatanzwe n'umwana w'umukobwa ufite imyaka cumi n'itanu avuga ibyamubayeho agira ati: *"Umunsi umwe umunyeshuri wicaraga inyuma yanjye yambwiye ko amatwi yanjye amukingiriza."*

Nkigera mu rugo nafashe indorerwamo nsanga amatwi yanjye ari manini koko. Kuva ubwo natangiye kwicara inyuma ndetse mpararika kujya ahantu hari abantu benshi. Kwicara inyuma byamviriyemo kudakurikira amasomo neza, ntangira gutsindwa". Byakuwe muri **"Ni NYAMPINGA"** No. 27, P.9.

Nimurebe namwe imbaraga z'ijambo. Umunyeshuri wavuze ko mugenzi we afite amatwi Manini atuma atareba mwarimu ashobora kuba atarongeye kwibuka ibyo yavuze

cyangwa se ngo amenye icyo byakoze k'uwabibwiwe.

Uwitwa *NANCY VAN PELT* we yanditse ko hari imvugo zitemana nk'imipanga zicagagura umuntu agasigara ari igisenzegeri ndetse kuburyo utemagurishwa ayo magambo aryana adatabawe mu maguru mashya ya magambo yamwica bagashyingura. Izo mvugo yazise "*Killer Talk*": "*Messages of pain*"» "*imvugo zica* ", *Smart Listening for Couples*, 1989, P.91.

Reka dushime Imana yahuje uyu mwana w'umukobwa n'umunyamakuru wa "Ni Nyampinga" akamwitaho ashimikiriye agira ngo amenye impamvu yamuteye gusubira inyuma mu ishuri maze akamwifungurira. Baganiriyeho, basanze "*ikibazo atari amatwi Manini, ahubwo ari uguha agaciro ibyo abantu bamubwiye ...Amatwi yaba manini cyangwa mato icy'ingenzi ni uko abayafite bombi bumva neza.*"

"Ni NYAMPINGA" No.27, P.9

Hari bamwe mu babyeyi bameze nk'uriya munyeshuri w'umugome wangije mugenzi we

kandi bikamugiraho ingaruka z'igihe kirekire. Ushobora kuvuga ibintu usa n'uwikinira ariko bya bintu wavuze bikakubyarira amazi nk'ibisusa. Bibiliya itubuza kugira ameshyengo menshi kuko ari mabi kandi avamo ibicumuro.

Imigani 10:19

Hari ababyeyi bahemukira abana babo cyane cyane ab'abakobwa bakababwira basa n'abikinira ko *ashaje, ngo abo biganye babyaye kabiri none we aracyari mu rugo, bamwe ngo yaragumiwe, abanda ngo ntacyo abatangariza, n'andi magambo mabi y'ibisuti n'ibisongo... "*

Ni ikintu kibabaje kubona nyirasenge w'umuntu, nyina wabo cyangwa umubyeyi nyir'izina ari we wangiza umwana we bene ako kageni! Ariko uzi kugira ngo wite umwana w'imyaka 34 umukecuru kandi wowe ufite imyaka 62 utaremera ko ushaje? None se ari wowe umubyaye na we mu by'ukuri Umukecuru ni nde? None se ari wowe umubyaye na we mu by'ukuri umukecuru ni nde? Ese iyo umubwiye utyo mu by'ukuri uba ugira ngo abikoreho iki?

Nkuko Se w'umwana atamwanga ariko akamwita nabi, ni ko n'umubyeyi ashobora kwangiza ibitekerezo by'uwo yibarutse atabishakaga.

Imvugo nkiriya yitwa uburozi butarutswa kandi uyihaye agaciro ashobora gufata icyemezo ahubutse akabana n'uwo atazi atagenzuye bihagije kubwo gushaka guhunga ziriya mvugo zimeze nk' ibisuti n'inkyuro maze bikamugiraho ingaruka.

Umwuka w'ubuhanuzi uvuga ko igihe umukobwa atangiye kujya abwirwa atyo n'abamukunda ariko bakamubabaza batabizi, akwiye kujya **"YICA AMATWI"** akamera nk'utabumvise kugira ngo ayo ma ambo atayaha agaciro akangiza ibitekerezo bye byiza n'intego z'icyerekezo cy'ahazaza he.

IV.3.3.GUSHYINGIRWA SI AMARUSHANWA

Gushyingirwa ntibikwiye kuba nk'isiganwa cyangwa irushanwa. Abashyingirwa bose si ko Bibahira kandi bamwe iyo basanze ingo zabo ari

"Umunuko" icyo bakora ni guceceka no kwiyumanganya kugira ngo batiha rubanda. Bene abo iyo tubitegereje tubona barahiriwe tutazi ko bashenguka bashira.

Itonde rero, utegereze uwo wagenewe n'Imana humura ntawuzamugutanga kuko inkono ihira jgihe cyayo. Burya umuheto ushobora kwoshya umwambi ngo bitabarane ariko byagera ku rugamba umwambi ukagenda, umuheto ugasigara ntibizongere no kubonana ukundi.

Abantu bashobora kugushora ugashyingirwa uhubutse, kubaka bikakunanira kandi bo batekanye mu ngo zabo.

Ikindi ni uko ku muni w'imperuka Imana itazigera ikubaza impamvu washatse utinze cyangwa impamvu utashatse.

Uwubatse wese azasabwa guhagarara imbere ya Yesu Kristo ari kumwe n'uwo bashakanye hamwe n'abana bose bazaba barabyaye (niba baragize uwo mugisha).

Kubw'ibyo rero, ntuzongere guterwa agahinda n'abari gushyingirwa mbere yawe mwaba

Mungana cyangwa se ubaruta.Uwo ni umunsi wabo, bashyigikire uko ubishoboye kuko ejo cyangwa ejo bundi ari wowe uzaba utahiwe nabo bakakwishyura. Umunsi wawe Imana yakuremeye ng'uwishimiremo n'abagukunda bose nugera uzasubizwa kandi unyurwe.

Abakuryanira inzara none bazahindura imvugo n'amagambo; bazakwita "Uhiriwe" kuko Uwiteka yakwibutse. Nk'uko *"Umwaka wose wera inkumi hakaguma inkwano "*; Ni na ko *"Umwaka wose wera abasore hakaguma ubutwari n'ubumanzi "*.

V. IMYAMBARIRE N'IMIDERI IGEZWEHO

Ubwo Adamu na Eva baremwaga, ntabwo bari bakeneye indi myambaro kuko bari bambaye ubwiza bw'Imana. Ubwo bacumuraga k'Umuremyi wacu, bari bamwigometseho ndetse bifatanyije na Satani kurwanya Iyabaremye.

Ntabwo byari gushoboka rero ngo wa mwambaro w'ubwiza bw'Imana ukomeze kubafubika kuko bari banze gukorana na Yo ku mugaragaro. Byatumye wa mwambaro w'ubwiza ubeyukaho bumva imbeho ari bwo bwa mbere kandi buri wese abona ko nta kintu yambaye. Iyo umwe yareba undi yagiraga isoni zo gukomeza kumwitegereza n'undi bikaba uko.

V.1. INKOMOKO Y'IMYAMBARO

Nkuko tumaze kubibona, abakurambere bacu ba mbere Iyo badacumura ntibari kuzakenera imyambaro kuko umwambaro wabo wari “ubwiza bw’Imana.” Ku bw’iby’ibyo rero, imyambaro yaje kubw’icyaha.

Ubwo bumvaga Imana ije kubasura, batekereje ukuntu nta kintu bambaye, kuyisanganira bameze batyo byarabashobeye maze bajya kwihisha. Bapfundikanyije ibibabi by’imitini maze buri wese ahisha imyanya yari ikabije kubatera isoni ariko nta n’umwe muri bo wibajije uko biri buze kugenda izuba niricana kuri ayo mababi. Uko byari kugenda kose yari guhita abavungagurikiraho bakongera kwambara ubusa. Byabaye ngombwa ko Imana ibaha intama maze ibategeka gufata icyuma cyangwa ikindi kintu gikeba maze bakayisogota kugira ngo bambare uruhu rwayo.

Ubwo bayisogotaga, amaraso yabuzuyeho nayo irimo guhirita nk’iri kubabaza icyo bayiziza, maze babona mu jisho ryayo harimo Yesu n’umusaraba yabambweho.

Imitima yabo yabaye nk'ishwanyutse biboneye iryo bakoze. Adamu na Eva baborogeye rimwe barigaya bitavugwa bamenye ko gukinisha itunda (kandi batabuze ibyo barya) bikoze kuri Yesu, igikomangoma cy'ijuru wari ugiye kuzishyura ibyo atabatumye. Abafilipi 2:5-7, Yohana 12:32

Ng'iyoy inkomoko yo kwambara n'igisobanuro cy'umwambaro w'ukuri. Kwambara nyako ni "Ukwambara umwami Yesu ari yo mico ye".

Ng'iyoy ikanzu yera yitwa "Gukiranuka Kwa Yesu", umwenda utadoderwa kuri iyi si, dutizwa nk'impano iyo twizeye tukemera igitambo cy'umukiza wacu, tukazawegurirwa binyuze mu rugendo rwo gutsindishirizwa no kwezwa. Ibyahishuwe 3:18.

"Nimutyoy abasore n'inkumi ndetse n'abana bato bigishwe kwihitiramo iriya kanzu ya cyami yadodewe mu ruganda rwo mu ijuru ari wo Mwenda w'igitare mwiza, urabagirana, utanduye abakiranutsi bazambara". Ibyahishuwe 19:8

*"Iyi kanzu izira ikizinga, ihabwa umuntu wese
Ku buntu. Ariko abayihabwa base bazayihherwa
hano ku isi kandi abe ari ho bayambarira".
Uburezi P. 260.*

V.2. AKAMARO K'IMYAMBARO

Kuva icyaha cyaza mu isi mwene muntu wese uriho n'uzabaho iyo agize hejuru y'imyaka itatu gusa atangira kubona ko afite ikibazo cyo kwambara ubusa kuko nta mwambaro w'ubwiza bw'Imana tukigira.

Ni cyo gituma iyo umwana nk'uyu yumvise umushyitsi akomanze iwabo bari kumwuhagira arwana ashaka guhunga cyangwa akunama cyane kugira ngo umushyitsi atabona ubwambure bwe. Ntabwo byoroshye kuko icyaha cyakoze ishyano kitwambika ubusa twese.

Kubw'izo mpamvu zose, byatumye imyambaro ikora izindi nshingano zitandukanye ari zo: Gutwikira umubiri cyane cyane imyanya y'imbere y'ibanga kugira ngo abantu batayibona bikadutera isoni, ipfunwe n'ikimwaro: Kurimba

Kugira ngo tugaragarire neza abatureba bityo natwe Tunyurwe n'uko twambaye imyenda myiza, kandi isukuye.

V.3. IMYAMBARO ITANGA UBUTUMWA

Imyenda ifite ikindi kintu gikomeye ikora ariko kitazwi cyangwa ngo kizirikanwe na benshi: Imyenda igaragaza abo turi bo (Personnalité) n'uburyo dushyira mu gaciro! Ibi bituma ihinduka nk'icyapa kiriho inyandiko isomwa n'uwo tunyuzeho wese maze "Agasoma ubutumwa butangwa n'umwambaro twambaye".

Umuhanuzikazi Ellen G. White yanditse amagambo akomeye ku byerekeranye n'imyenda. Isomere nawe uko yanditse abihishuriwe n'Imana: “*On juge le caractère de quelqu'un par sa manière de se vetir*” (Education, P.254); *Bikaba bisobanura ngo "Imico y'umuntu igaragazwa n'imyambarire ye".* Uburezi, P.259.

“*Iyo ubutungane no kwiyorshya mu myambarire bifatanyije no kugira imico myiza,*

*bibera umukobwa ingabo imukingira
ibyago byinshi" Ibid.,P. 260*

Hari ingero nyinshi zerekana uburyo imyambaro twambara idutangaho amakuru mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Ingero:

- Iyo umuganga atambutse yambaye umwambaro w'umwuga, abantu twese turamumenya yemwe n'impinja zimwe zigatangira kurira kuko zihita zibuka urushinge (we cyangwa mugenzi we) yaziteye.
- Iyo tubonye umusirikare cyangwa umupolisi bambaye imyambaro yabo y' akazi turabamenya tukabatandukanya n'abaturage basanzwe.
- Iyo twagiye ku kibuga cy'indege, umupirote uyitwara tumumenyeshwa n'uko aba yambaye imyambaro yabugenewe itandukanye n'iy'abagenzi bose bari ku kibuga.
- Iyo twatashye ubukwe nta muntu ushobora kuyoberwa umugeni uwo ari we kuko Yambikwa umwambaro utuma abantu hose bamwibwira.

Burya imyambaro twambara hari
ubutumwa itanga twaba tubizi
cyangwa tutabizi.

Kubera imyambaro twambara, hari urwego
abantu bashobora kudushyiramo ari nta kindi
bashingiyeho uretse yo.

V.4. IMBARAGA Z'IMIDERI

*"Imideri igezweho ni umwamikazi utegekesha
inkoni y'icyuma (Umunyagitugu). Mu ngo
nyinshi usanga ibitekerezo by'ababyeyi n'abana,
byararunduriwe mu guhaza ibyifuzo by'uyu
mwamikazi". Ibid.P.257.*

*"Usanga abakire barangamiye kurushanwa mu
kujyanirana n'imideri igenda ihindagurikaa (à
mode); abaciriritse bagaharanira gushyikira ba
bakire, abakene hamwe na rubanda na bo
ntibasigare ahubwo bagaharanira kugera ku
rwego rubarusha ubushobozi kugira ngo na bo
bagaragare nka ba bakire bagendana
n'ibigezweho, "à la mode". Ibid.P. 257.*

*"Ku bantu benshi, umwambaro n'ubwo waba ari
mwiza kandi uhenze ute, usanga bawureka*

cyangwa bakawusubirishamo kugira ngo bawuhuze n'umuderi ugezweho... Akenshi usanga nta gihe nta n'amafaranga abantu bagenera ibikorwa by'ubugiraneza; ku meza y'imiryango imwe usanga hariho indyo nkene, n'ibibonetse bigategurwa huti huti kandi icyo bizana n'indwara za hato na hato bitewe no gutwarwa n'ibigezweho. Ibid. P. 258

Icyo dukwiriye kumenya ni uko: "Nta burezi buba bwuzuye igihe butigisha amahame atunganye ajyanye n'imyambarire... Gukunda kwambara imyambaro idasanzwe, no gutwarwa n'imideri igezweho, ni bimwe mu by'umwarimu ahora arwana na byo kandi bikamutera imbogamizi ". Ibid. P.257.

"Kubwo kwambara imyenda itabakwiye, usanga ku ishuri abakobwa badakurikira amasomo neza cyangwa ngo bakine nta nkomyi.

Intekerezo zabo ziba zihugiranye, bityo umwarimu akagira inshingano imukomereye yo kubakangurira gukurikira ". Ibid. P 258. .

Iki kigirwamana cyitwa "umuderi" (Ibigzweho, à la mode, on fashion) ntigitinya n'umunsi wo gusenga. Usanga uwo munsi wo gusenga habonetse amahirwe yo kwiyerekana gukomeye kw'imbaraga z'imyambarire igezweho. Urusengero ruhinduka ikibuga cyo kwiyerekaniramo, bityo abantu bakiga imideri igezweho aho gutega amatwi ikibwirizwa. Ingaruka zabyo ni uko abakene badashoboye kwambara batyo batongera kugaruka mu rusengero. Ibid, P.258

UMWANZURO:

Dukurikije iri hishurwa duhawe n'abanditsi banyuranye ku bijyanye n'imyambarire, abantu bacyeneye gusobanurirwa iby'Umukiza Yesu ubakunda kandi bagashishikarizwa kumwizera no kumwakira nk'umukiza wabo bwite. "Umutima nuhinduka, ikidahuje n'ijambo ry'Imana cyose kizakemuka" Evenements des derniers Jours, (1889), P.272.

Ku bijyanye n'imico itandukanye mu myambarire, hatanzwe inama ko abantu bakwiye gukurikiza ibitabangamiye amahame y'ubuzima bwiza. Imyambaro myiza igomba kuba ikwiriye

neza uyambaye, imubereye, idozwe mu gitambaro gikomeye kugira ngo umuyaga utayihuha ikamwambika ubusa, cyangwa ikaba yacika ubusa bigakoza isoni uyambaye kandi ikaba itabonerana".

"Uwiteka ntashaka ko imyambaro yacu iba iboneye kandi ituma tugira amagara mazima gusa, ahubwo anashaka ko iba idukwiriye, idozwe neza kandi atari urukozasoni. "
Ubutumwa bwatoranyijwe, Vol.3, (1897), P.242.
Uburezi P.259.

*Nuko nk'uko bikwiriye intore z'Imana zera kandi zikundwa, mwambare imbabazi n' ineza, no kwicisha bugufi n'ubugwaneza no kwihangana. Ariko ibigeretse kuri ibyo byose mwambare umutima w'urukundo, kuko ari rwo murunga wo gutungana rwose ". **Abakolosayi 3:12,14***

VI. IGIHE UWO WAKUNZE AGUTENGUSHYE

Ijambo gutenguhwa bivuga guhemukirwa n'umuntu wari inshuti yawe magara kandi wari umwiringirwa wo ku rwego ruhanitse. Gutenguha bifite indi nyito bihuje ari yo "Gutetereza". Mu gifaransa ni "Decevoir" na ho mu cyongereza ni "To deceive".

Gutenguhwa n'uwari inshuti yawe magara ntibibabaza gusa ahubwo biraryana cyane, Muvandimwe reka ngusangize amagambo meza cyane yanditswe n'umuhanga witwa "Gilbert Cresbon" watanze umuti w'iyi ndwara yo kwikanga gutenguhwa.

Gilbert Cresbon yaranditse ati. *"Ce qu'on a perdu en faisant confiance aux autres peut se calculer; mais ce qu'on a gagné par le même moyen est inestimable"*.

Ubigenekereje mu kinyarwanda biravuga ngo: *"Ibyo wahombye bitewe no kwiringira abantu bishobora kubarwa; ariko ibyo wungutse muri ubwo buryo (bwo kugirira abantu icyizere no*

kubiringira) byo ntibigereranywa, ntibigira n'ingano kubera ubwinshi bwabyo ".

Dore umwanzuro jye nafashe, ndetse nushaka nawe ubigenze utyo kuko ari bwo uzaba wibaniye neza mu minsi usigaje kuri iyi si, kandi n'Imana yawe ikunezererwe:

- Nzakomeza kwiringira abantu no kubagirira icyizere kuko ari cyo Imana inshakaho kandi binyubakire ubumuntu bwanjye, ntitaye kuri bacye bazantenguha.
- Ba bihemu bacye si bo bazanshogoza ngo ndekure ubumuntu n'impuhwe Imana yandemanye, ngo maze bitume nkamira abantu b'Imana mu kitoze ngo nuko hari bamwe bahemuka.
- Kurebera abantu bose mu ndorerwamo z'uwigize kuguhemukira kandi wari wamwiringiye, ni umwanzuro utari wo.
- Kugirira abantu icyizere ni jye byungura kuruta ho, kuko kiriya cyizere nijye burya uba nkigiriye; ndi umuntu kandi ndemwe nk'uko uriya na we aremwe. Iyo utizera umuntu

n'umwe burya nawe ubwawe ntuba wiyizera.
Ikibazo kiba kiri kuri wowe rero.

VI.1. DIYOJENE YARATENGUSHYWE

Nigeze gusoma igitekerezo cy'Umucurabwenge w'umugiriki witwa "Diogenes" wamaze igihe kinini azengerukana itara ricanye ku manywa mu muji wa "Athens" (soma Atene) arimo gushaka umuntu!

Abajijwe niba abantu ari guhura na bo atari abantu, ababwira ko agishakisha umuntu nyamuntu wujuje rwose ibisabwa by'umuntu nyawe wuzuye kuko abandi bose batuzuye. Umunsi umwe yaje kubona wa muntu yari yarabuze mu gihugu hose, Bararamukanya, bahuza urugwiro, Filozofe aramwishimira cyane kuko ari bwo bwa mbere yari ahuye n'umuntu nyawe.

Biriwe bagendana umunsi wose ariko bigeze nimugoroba wa mugabo "yatandukanye na we atamusezeyeho ndetse agiye kureba itara rye asanga [ya Nyangamugayo] yaryibye, Diyojeni *asubira iwe mu mwijima igisambo kabombo cyamubariye amazi nk'ibisusa.*

Mbega umucurabwenge ngo aribeshya ku muntu! Sinzi niba atarahise ajugunya ibipimo yari yarapfundikanije agira ngo azandike igitabo cy'indangagaciro z'umuntu nyamuntu. Hari uwaririmbye ko *"Umuntu ari agasanduku k'umukara kandi agusekera yanagusekura biramutse byihindurije.*

Nshuti muvandimwe mbese waba warahemukiwe n'uwo wari wakunze rwa rundi rw'umwimerere ariko we akakwereka igihandure? Ihangane niba ari isomo uraryize kand! wize umuntu.

VI.2. YULI KAYIZARI YARATENGUSHYWE

Nongeye gusoma igitekerezo cy'umwami w'abami witwaga "**Julius Caesar**" ari we "**Jules Cesar**". Amateka avuga ko mu bantu bose bo mu bwami bwe nta numwe yiringiraga ngw'abe yamwimariramo (habe n'umugore we) kuko bose yabakemangaga.

Nk'umucurabwenge Diogene, Kayizari Yuli yaje kubona uwo kwiringirwa witwa "**Brutus**" maze si ugukundana baba nk'uduti tw'inkubirane.

Amateka avuga ko ubucuti bwa “Yuli Kayizari na Brutus” bwari bwarimbitse cyane bisa n’aho umwe yamaze kwiyorosa undi ku buryo iyo wabonaga umwe wabaga wabonye n’undi. Ntabwo byashobokaga ngo habe hari uwakeka ko umwe ashobora guhemukira undi cyangwa se ngo bashwane. Ariko se ibyabo byarangiye bite? Yuli Kayizari yatunguwe no kubona igitero kimugaritse hasi maze agiye kubona abona n’uwari urenze kuba umwana we, umunywanyi we, ubura bwe "Brutus" ari we umufatiye **inkota ku gikanu ngw'amusogote!**

Mu kwikanga, kurimo igihunga no gutangara gukomeye, Yuli Sezari yavuze ijamba rya nyuma ry'ikilatini ryahise rihinduka imvugo y'akumiro ngo: **“Tu Quoque Fili !?”** Mu rurimi rw'igifaransa bishatse kuvuga ngo **“Toi aussi mon Fils (tu oses)!?”** Mu Kinyarwanda ni nkaho yavuze ngo **"Nawe koko Brutus umuhungu wanjye niringiraga urahangaye, ni wowe ukoze ibi?! "**

Nimurebe namwe. Uko wa mugabo yatetereje Diyojeni ni ko na Brutus yatetereje inshuti ye

Yuli. Mu gusamba nyakwigendera yapfuye asubiramo ririya jambo ngo “Tu kuoke fili”.

Koko nawe umwana wanjye twakundanaga ni Wowe unkoreye ibi? Kuva ubwo iyo umuntu wizeraga cyane bizwi ko adashobora na gato kuguhemukira birangiye ariwe ubwe ugutamaje akagutetereza mu maso y’abari bazi ubucuti bwanyu, abantu basubira muri iriya mvugo y’akumiro yavuzwe na Kayizari Yuli ngo: " **TU KUOKE FILI** " Bati koko ni kanaka cyangwa nyirakanaka uhangaye kumukorera biriya n'ineza yose yamugiriye?

Ellen G. White na we ati: "Uwiteka arareka abo twiringiye cyane bakadutetereza kugira ngo turebe uburyo kwiringira umwana w'umuntu ari ubupfapfa. " Ellen G. White, Rengera Ubuzima Vol.2, P.98.

VI.3. UKO WAKWITWARA UWO WAKUNZE AGUTENGUSHYE

Ushobora gukunda umuntu ukamwimariramo (ariko ukaba ukoze ikosa kuko bitemewe), ukamukorera ibintu bihambaye byo muri ubu buzima uzi ko muzabana ndetse yarabikwijeje,

maze wajya kumva ukumva ngo “Arakubenze”
ng’urukundo rwanyu rurangiriye aho!

Dore icyo uzakora nutenguhwa n'umusore
cyangwa umukobwa mwendaga gushyingiranwa

VI.3.1.FATA UMWANYA UTEKEREZE KU BIKUBAYEHO

Uzafate umwanya wo kubabara kuko
yagutesheje igihe, umwanya n'umutungo, nibiba
ngombwa urireee wiherereye ariko nurangiza
wihanagure kugira ngo ubuzima bushyashya
bukomeze. Ahasigaye umenye kwiyakira vuba
mbese nka kwa kundi amazi aba yamaze
gutemba utari buyagarure.

Niba uwo mwakundanaga akwanze, wowe
jya wikunda ndetse unikundwakaze. Ibuka
nk'ibitari byiza kuri we wari waramubonyeho
ariko kuko wamukundaga wari wariyemeje
kuzabyihanganira byose, none uramukize.

Ariko ubundi amafuti ye (defaults) n'ingeso
mbi ze wari kuzabana na byo ubuziraherezo

Ukabishobora? Imana ishimwe urabikize kuko
Icyari kimeze nk'ikamyi yari yarakuguye hejuru
Uwiteka ayigukuyeho. Ugize amahirwe biba ari
We biturukaho kandi wowe byari byarakunaniye.

Fata indorerwamo ndende ishoboka ahasigaye
uyireberemo ubwiza bwawe, uburanga bwawe, maze
uvuge cyane uti: "Jyenda jyewe uri mwiza".
Nubwo ndi mugufi, ndi igikara, ndi muremure, ndi
inzobe, mbyibushye cyangwa nanutse, ariko
nsindagiyemo ubuntu bw'Imana.
Bwira Imana uti: "Mana warakoze kuko
ntahwanye n'inda yavuyemo ikiri amazi, yibwire
uti "ntegereje kubona icyo wamvuzeho ukindema."

VI.3.2. GERAGEZA UKO USHOBOYE UMWIYIBAGIZE VUBA

Niba umusore cyangwa umukobwa mwari
mwarakundanye (ndetse wari waramwerekanye mu
muryango nk'uwo muzabana), akumenyesheje
ko mutakiri inshuti ndetse ngo ntuzongere
kumutelefona kuko nta gaciro ugifite kuri we, uzafate
ikaye cyangwa ahandi hantu wandukuremo nimeru ze
za telephone ze ahasigaye

umusibe burundu muri telefone yawe (delete) kandi uhumure izakomeza ihamagare yitabe abandi.

Subiramo kenshi aya magambo kandi cyane uti: "Umva wa musore we/wa mukobwa we, urahoooooombye, urahooooombye! Uranambabaje! Uhombye umugore/umugabo wagukundaga, kandi wari kuzakubaha akanakubahisha; Uhombye umugore/umugabo wari kuzakubera ishema kandi akakubyarira abana beza; Ubuze umwari/umusore rwema nkanjye w'igitego wari ishema ryawe.

Sosiyeti yose yari kuzakwita "Nyiramugisha /Mugisha n'Uhiriwe" kubwanjye none urihombeye. Urabeho uwo nari naribeshyeho. Uwiteka asingizwe kuko bigaragaye ko utari icyuzuzo cy'urubavu rwanjye. Simbabajwe n'uko nataye igihe cyanjye ngukunda, Imana yabyemeye kugira ngo bindinde irungu muri aya mezi no muri iyi myaka twari tumaranye.

VI.3.3. SHIMIRA IMANA IBATANDUKANYIJE

Niba bishoboka ukaba ufite inshuti y'umunyamasengesho wiringira (ukaba ubona ari ngombwa),nimutegure umunsi wo kwihererana n'Imana mu masengesho muyirimbire, muyiganyire, muganire na Yo mu ijambo ryayo, munayisabe imbaraga zo kumenya uko mwitwara muri ibyo bihe bikomeye.

Kuko Imana ari umubyeyi ugukunda kuruta abakwibarutse, Itabura uko igenza abayisunga, ,mu gihe gikwiriye Izaguhuza na Rudasumbwa wawe, cyangwa Iguhuze n'igitego mu bakobwa maze aguhoze amarira.

Nugereranya uwa mbere n'umushya, uzabona ko Ntaho bahuriye. Uvuye mu bisubizo by'amasengesho Azakubera icyuzuzo cy'ubuzima bwose.

VI.3.4 IRINDE GUHITA UJYA MU RUKUNDO

Abasore n' inkumi benshi bagwa rikomeye ryo guhita bajya mu rukundo bagitandukana n'ababatengushye.

Ntuzatanguranwe n'uwo mutandukanye gushyingirwa huti huti nk'aho hari uwagushyize mu isiganwa. Ntuzahubuke ngo wakire abaje bakwituraho bose ngo n'uko uwa mbere yakubenze. Fata igihe utuze, ushake imirimo uhugiraho kugira ngo udakomeza kwitekerezaho.

VI.3.5.URUKUNDO WARI WARAMUKUNZE RWIGARUREHO

Pastor Dr. Blassious Luguri, umuyobozi w'Itorero ry' Abadventisti b'Umunsi wa Karindwi mu bihugu bigize Afurika yo hagati n'iy'Iburasirazuba, yigeze kubwiriza icyigisho cyamfashije cyane; Mu kibwiriza cye cyari gifite insanganyamatsiko ivuga ngo *"Igihe izuba ryawe rirenze"*, yagize ati:

"Burya Imana yaguhaye ibiganza bibiri kugira ngo nuhereza umuntu umukono akawanga, ujye ugarura cya kiganza ugihuze n' ikindi maze wisuhuze ndetse unyeganyeze akaboko umwenyura ndetse wakwenkwenutse wisuhuze!"

"Burya Imana yaguhaye amaboko abiri kugira ngo nujya guhobera umuntu akabyanga, uzagarure ya maboko yombi maze wihobere ndetse uhinduranye n'imisaya wimare urukumbuzi kuko nawe utari wiherutse!

Uzanibaze amakuru yawe, unisubize uti ni meza cyane, ndakomeye kuko mfite Imana inkunda kandi ikaba idashyirwa ku ngoma n'amatora" (*Yeremiya 31:3*).

"Niwitsamura abo muri kumwe ntibakubwire ngo urakire, wowe uzavuge ngo urakire wongere uvuge ngo twese kandi uzagubwa neza nk'aho hari ubikubwiye".

Ntukirebere mu ndorerwamo ugira ngo urebe ububi bakuvuzeho ahubwo ujye uyireberamo ureba ukuntu uri ihoho. Burya uri ishusho y'Imana, (Imago Dei - Image de Dieu - Image of God) kuko waremwe mu ishusho yayo. *Itangiriro 1:26*.

Pasiteri B.Luguri yashoje agira ati: "Ingorane si uko uwari nk'izuba ryawe amaze kurenga, ahubwo ingorane ni uko utazi "Kwisegura

ibuye" nka Yakobo ari ko gusenga ngo
wohererezwe urwego_rudasanzwe
abamalayika bazamukiraho bajyanye
amasengesho yawe kandi
bakarumanukiraho_bazanye_amasezerano
avuye kuri Data wa twese. ***Itangiriro 28:12-20.***

***"Uwiteka azatuma Marayika we akujye imbere,
azaha urugendo rwawe ihirwe."Itangiriro 24:7,40.***

UMWANZURO

N'ubwo kubengwa cyangwa gutenguhwa n'uwo wakunze urw'umwimerere bisharira cyane, icyongera umubabaro kurushaho ni igihe umuhungu utengushywe aba yaramariye umutungo munini ku mukobwa azi ko ari gukorera uzaba umufasha we, cyangwa umukobwa utengushywe akaba yaragize intege nke akaryamana n'umuhungu azi ko ari we uzamubera umugabo.

Umuhungu ashavuzwa no kubura uko yishyuzwa amafaranga n'izindi mpano zihenze yatanze, naho umukobwa akarizwa n'ikimwaro atewe n'uko atakomeye ku busugi bwe ahubwo akambarira ubusa uwo yibeshyeho.

Ku bw'ibyo rero, umusore niyirinda gutanga impano z'umurengera ku wo batarabana bizatuma aticuza icyo yatanze igihe cyose haboneka impamvu ituma batabana.

Umuukobwa na we niyirinda gukomeza kwakira impano z'umurengera ahabwa n'umusore, ntabwo azagwa mu gishuko cyo gukorana na we

imibonano mpuzabitsina asa n'uri kwishyura iby'abandi yariye.

Burya umuntu ashobora kuguha igi ateganya kuribyazamo ikimasa (*Donner un oeuf pour avoir un boeuf*), Ibyo bigatuma uwibwiraga ko yungutse ahubwo aba ahombye bitangaje bitewe n'ibyo azishyura.

Koko rero hari igihe wibwira ko wungutse, nyamara uhombye bitavugwa, Hakaba n'igihe utekereza ko uhombye nyamara wungutse bitavugwa. (*Il ya des gains qui sont des pertes et des pertes qui sont des gains*).

Umuti urambye w'izi ngorane turawusanga muri iyi nteruro y'icyongereza ivuga ngo: 'Learn to say "NO" to the good things in order to say "YES" to the best things, Mu rurimi rw'ikinyarwanda biravuga ngo: "Imenyereze guhakanira *Ibyiza* ubibwire ngo "OYA", kuko ari bwo uzashobora kwemerera *Ibihebuje* ubibwire ngo "YEGO". Mbese wari uzi ko iteka ryose inyuma y'ibyiza haba hari ibihebuje bigutegereje? Bwira Uwiteka uti “ *Mana mpumura amaso ndebe*”

"SOLO GLORIA DEO"

Icyubahiro kibe icy'Imana yonyine.

IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Dr. Pache, R., Nouveau dictionnaire Biblique, 1961.
2. Itorero ry' Abadiventisiti b'Umunsi wa karindwi, Iniyo y'u Rwanda, Ibibwirizwa Byagenewe Abapasitoro n'abizera babwiriza Ubutumwa.
3. Luther, K. M., La Force d'Aimer.
4. Melbourne, L.B., The Busy People's Bible Study Plan,
5. Meyer, J., Tuvuge Tutaziguye ku Gucika Intege,
6. NI NY AMPINGA, N0.27
7. Njagi, F., Courtship, Marriage and Family life, 2001.
8. Nsabihoraho, Z., IBIGANZA BISENGA by'Umukristo uri ku mavi No.2,
9. ---- Ijuru Rito Ibanga ry'UmmyangoUnezerewe
10. Osbeck, K.W., 101 More Hymn Stories, 1985
11. Pelt, V.N., Killer Talk: Messages of pain", Smart Listening for Couples, 1989.
12. White, E.G., Abahanuzi n' Abami,
13. _____, Education,
14. _____, Foyer Chretien

15. Inama Zikirwa Itorero, Vol.2,
16. Messages à la Jeunesse
17. Rengera Ubuzima Vol.2,
18. Ubutumwa bwatoranyijwe,
Vol.3, (1897).
19. White E. G., Uwifuzwa ibihe byose,
20. Thompson F.C., "Thompson Chain-Reference"
Bible" Fifth improved Edition.
21. Bibiliya Ijambo ry'Imana.
22. Biblia Yera, 1957.
23. Bibiliya Yera, 1993.

Hari isano iri hagati yo kuvuka k'umwana no gushinga urugo. Nk'uko umwana atangira kubaho agisamwa ni ko n'urugo rutangirana no kurambagizanya kw'umusore n'inkumi.

Nk'uko imico y'umwana ishingira ku mibereho yagize akiri mu nda, ni ko n'umubano w'abashakanye ushingira ku myitwarire bagize mu gihe cy'irambagiza.

Umwana muto ashobora kujujubya abamwibarutse, kandi yamara no gukura uburere bwe bukagorana bitewe n'ikosa yakorewe akiri mu nda. Urugo na rwo rushobora guhoramo amakimbirane, bitewe n'ikosa ryakozwe mu bihe byo kurambagizanya.

URUGO RWIZA RUHUMURA rutegurwa mbere no mu gihe cyo kurambagiza kuruta nyuma yo kurwubaka. Iyo urambagije nabi wubaka nabi, warambagiza neza ukubaka neza. Agatabo ufashe mu ntoki ndifuzza ko kakubera nk'IKARITA ikuyobora ku **RUGO RWIZA RUHUMURA**.

Umwanditsi

Umwirondoro w'umwanditsi



Nsabiheraho Zacharie ni umupasiteri mu Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Arubatse afite umugore n'abana batatu.

Pasteri Nsabiheraho Zacharie afite impamyabumenyi yo mu rwego rwa Metirize mu by'Iyobokamana (Master of Arts in Religion, M.A) yakuye muri Andrews University (USA), Campus ya Spicer Memorial University yo mu gihugu cy'Ubihinde.

Ibindi bitabo yanditse



- **IBIGANZA BISENGA** by'Umukiristu uri ku Mavi (No: 1-4)
- **IJURU RITO** Ibanga ry'Umuryango Unezerewe
- **IMBARAGA MU GUSHIMA** (No:1)
- **HARI ICYO IMANA YAKUVUZEHO** (No:1)
- **AMATEKA Y'INTUMWA ZA YESU N' URUPFU ZAPFUYE** (Edition:1)

